RWANDA RESONANCE

Rédacteur en Chef:
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(Oncle NTA'GE Bony)
(O.NT.B.)

Bimensuel
Indépendant

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

N° 017

100 Frw

29 Mars 1993

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1318 - Kigali
RWANDA

# Ibyavugwaga na LIZINDE muri gereza sibyo akivuga.



HARERIMANA Gaspard.

## Ukuri kuri he





MINANI Frodouard.

ku bantu ⟹ bapfuye igihe cye ?

## UWIMANA Yuliyani mu mazi abira.

# SONARWA n'umugome.



# IMBEBA MU RUBARIRO.

*Nyuma yaho NSENGIYAREMYE agiraniye n'INKOTANYI amasezerano i Dar-es-Salaam ku ya 7 Werurwe 1993 bigaragara ko aruhije kugirango hazagire uwibwira ko ahenda undi ubwenge, imishyikirano yarasubukuwe ARUSHA, itangira BIZIMUNGU Pasteur atera hejuru ngo gushyira ingabo zidafite aho zibogamiye hagati y'u Rwanda n'UBUGANDE ni uguhotora FPR. Ni nko kuvuga ati murashaka kudukura kw'ibere rya MUSEVENI ibyo birumvikana. Ibyo aribyo byose batubwiye ko INKOTANYI zasubiye mu birindiro byazo bya mbere y'iya 8 Gashyantare 93, ndetse ngo n'imirwano yarahagaze. Reka rero babandi ubushize twagereranije na ya Mbeba yo mu rubariro babazaga bati : Izo nka ni iza nde ? Ikibyimbya iti ni iza BISHINGA ICUMU MU ISHINGE ABAKOBWA BAKAZAHIRIRA UMUNDENDEZO UMUGABO UZIGEZEMO NKAMUCA UMUTWE NKAWA MBIKA IMANDWA YANJYE NYIRABOMBORIBOMBORI KU RUBARIRO, bazigeramo bayegereye aho kubaca imitwe ikihina mu mwobo bazisimbure ngo bararwana ku gihu[...] Inkotanyi zagabye igitero simus[...] INTERAHAMWE n'ABASEDE[...] baranyegera, abaturage birirw[...] bashuka ngo bari maso umwa[...] ntazabinjirana barayacekwa, na[...] ubwo zituje reka IKINANI cy[...] shuke zijye guhimbira kunzira[...] rengane ngo ngaha baratsembat[...] mba ibyitso. Bagira isoni nke tw[...] hita tumenya ko uwabaroze atak[...] rabye koko !*

*O.NT.B.*



## Bashatse kubwiza ukuri l'ONU barabizira.

Abagabo b'abahanga, bazi ubwenge kandi bigaragara ko bakunda igihugu bateguye inyandiko yo guha intumwa za l'ONU, maze bamwe ngo bacungiye ku kajisho keza ka FPR barahaguruka barayirwanya nubwo bitayibujije kugenda, ngo kuko ivuga amateka y'u RWANDA, igasobanura bihagije FPR INKOTANYI abo aribo. Nyamara irimo ibitekerezo bizima, ibibazo bikomereye u RWANDA n'ibisubizo byashakirwa, kimwe n'icyo l'ONU yakora cyihutirwa ngo igoboke u Rwanda. ISIBO yakunze kugaragaza ko ishyigikiye umuntu umwe gusa muri MDR abandi bose ikabahindura uko batari kubera impamvu zizashyira zikajya ahagaragara muri No 89 irasebya MUREGO, GAPYISI, NKEZABERA, SEBATWARE, TWAGIRAYEZU Telesphore, MBONYUMUTWA Shingiro, NGABONZIZA, KAZINDU n'abandi yikomye ngo kuko banze kujya mu murongo w'abigize ba RUKEBA bumvako twava ku gitugu cya HABYARIMANA bakadushyira ku cy'INKOTANYI ntidukome. Irarikoroza ngo baciye inka amabere kuko bari mu bashyigikiye iriya nyandiko, ariko akanababeshyera ngo handitsemo ko abahutu bose bahabwa imbunda. Iri ni ishyano. Iyo nyandiko tuyibahaye mu gifaransa namwe muyisomere maze abayigaya bayigaye abayishima bayishime kandi babishyire ahagaragara tubijyeho impaka aho kugumya gusebanya mu rwego rwo kuyobya abantu. Abantu bo mu buyobozi bwa MDR bayirwanije bazasobanurire Impirimbanyi umurongo bashaka guha MDR ikomoka kuri MDR PARMEHUTU niba no kwibutsa ko l'ONU atari ubwambere iza mu RWANDA ari icyaha cyacisha abantu umutwe mw'ishyaka. Nkabone tuvuga ibya KONGERE idasanzwe AMASIBO yabo akadusarana ubanza bafite ibyo baduhishe. Ese niba barakoze neza barayitinyira iki ko ntawe ubabwiye ko azabahana. Dore bariho barandikisha ibipapuro hirya no hino ngo hari abagiye gukora PARMEHUTU mu Rwego rwo gusabota iyo Kongere. Karabaye. Ngo hari za KUDETA !! Byose wareba ugasanga ari uburyo bwo gukomeza gusebya abarwanashyaka ba MDR banze kuvuga rumwe n'abigize ba RUKEBA kuko imwe mu ntego z'Impirimbanyi ari ukubanira abanyarwanda bose neza, bikaba binyuranye no k[...] bahakwaho cyangwa kubitege[...] ngo babogereho uburimiro. Ikin[...] kibabaje ni ukubona bakomeza g[...] sarika abantu ngo bagiye mu na[...] ya MRND na CDR. Aka ni aka[...] koko!!! Ubundi abanyarwanda b[...] vuga ko ijya kurisha ihera ku rug[...] Kugerageza kuzana amahoro as[...] ngiye ku bumwe mu banyarwand[...] ukoresheje kwirengagiza ishyak[...] buri muntu arimo cyangwa iby[...] yaba yarigeze gukora cyangwa n[...] bu agikora ngo urebe ko wabash[...] kumukosora siko kuvuga rumwe n[...] HABYARIMANA. Ababyuririrah[...] ngo babone uko basebya abandi [...] abaswa cyangwa bafite ibyo bad[...] hishe, kuko u RWANDA rufit[...] MRND, CDR na FPR bibuza ama[...]horo abaturarwanda, ku buryo ku[...] yashakira ku ruhande rumwe gus[...] arirwo rwa FPR hari abumva bida[...]hagije.

UMURANGI.



*Shingiro, Murego, Karamira, Nkezabera, Gapyisi, O.NT.B. n'abandi ndetse na Nsengiyaremye, Ngurinzira, Kambanda, Niyitegeka E. barafitwe. Kuki muri MDR umuntu wese ushatse guteganya ko Inkotanyi zishobora kuzasimbuza igitugu cya Habyarimana ikindi, abavugizi ba Twagiramungu bamwamagana mu Masibo n'Amatumwa yabo? Tubyibazeho.*

## MEMORANDUM SUR LA SITUATION POLITIQUE ACTUELLE AU RWANDA.

### . INTRODUCTION.

Trente-deux ans après, l'Organisation des Nations Unies envoie une mission au anda pour essayer d'aider ce pays à trouver une solution aux problèmes socio-politiqu llement aigus que traverse le Rwanda. C'est en effet en 1961 que l'ONU est inter ue au Rwanda pour l'organisation d'un REFERENDUM, lequel référendum fut décisif pour venir du Rwanda.

Il est à souligner que la crise actuelle tire ses origines de la situation qui valait au Rwanda dans les années 60. L'on peut donc espérer que l'Organisation ternationale la plus prestigieuse trouvera des solutions adéquates et définitives comme lle avait pu mener une intervention très positive au Rwanda en 1961 en supervisant avec ccès le REFERENDUM du 25 septembre 1961.

### . BREF RAPPEL DU CONTEXTE HISTORIQUE.

Les événements tragiques que le Rwanda est en train de vivre aujourd'hui s'ins rivent dans un environnement historique dont il convient de se remémorer pour saisir a situation actuelle dans tous ses contours et ses enjeux.

Longtemps avant la colonisation allemande (1894-1916) et la tutelle belge 918-1962), le Rwanda était caractérisé par une société féodo-monarchiste dans laquel a caste formée d'éléments issus de l'ethnie minoritaire tutsi (14% de la population), nopolisait le pouvoir politique.
Gouvernement indirect de la colonisation allemande/et belge a perpétué pendant plusieurs année tte situation en s'appuyant sur la minorité ethnique au pouvoir pour encadrer les mas s populaires composées de HUTU, TWA et de TUTSI démunis.

C'est à partir de Novembre 1959 que ces masses populaires se débarassèrent de urs maîtres absolus par une Révolution Socio-politique qui marqua un tournant très gnificatif dans l'histoire du Rwanda.

La Révolution socio-politique de 1959 fut confirmée par le REFERENDUM du 25 ptembre 1961 par lequel le peuple décida à 80% qu'il rejetait le pouvoir totalitaire un monarque absolu et qu'il optait pour une République démocratique.
sormais le pouvoir allait être acquis à travers des mécanismes démocratiques. Souli ons encore une fois que ce référendum supervisé par l'ONU, n'a été l'objet d'aucune ntestation tant sa préparation et son déroulement eurent lieu en toute impartialité. ur mémoire, l'on peut rappeler que la nécessité du référendum était imposée par les nants du pouvoir absolu qui contestaient vigoureusement les résultats de la Révolution cio-politique de 1959.

La suite logique du référendum fut l'indépendance à laquelle le Rwanda accéda 1 juillet 1962. Le Rwanda devenait ainsi un Etat républicain, indépendant, régi par s institutions démocratiques qu'est venu consacrer la constitution du 24 novembre 1962

Cependant, force a été de constater malheureusement que d'aucuns parmi les déten eurs de l'ancien pouvoir totalitaire basé sur l'ethnie n'ont pas digéré la perte du ouvoir au profit des institutions démocratiques et se sont réfugiés à l'étranger, rincipalement dans les pays voisins du Rwanda comme l'Uganda. Depuis lors, ils n'ont essé, avec l'appui tacite ou ouvert des pays d'accueil, de mener des attaques suicidaires contre le Rwanda, la dernière en date étant la guerre actuelle déclenchée avec le con cours massif de la National Resistance Army (NRA) d'Uganda.

Rappelons que la responsabilité de l'Uganda dans cette guerre est indiscutable étant donné que les assaillants du 1er octobre 1990 sortaient intégralement des rangs de l'armée régulière ugandaise dont le Président du Front Patriotique Rwandais (FPR) d'alors le Général Major Fred RWIGEMA, qui a été Vice-Ministre de la Défense dans le Gouvernement Ugandais et Chef d'Etat-Major adjoint de l'armée ugandaise. Du reste, l'actuel Chef militaire du FPR-Inkotanyi, le Major KAGAME, était Chef des services de renseignements dans l'armée ugandaise avant l'attaque du 01.10.90.

Notons aussi que les institutions démocratiques instaurées par la Constitution de Novembre 1962 à l'issue de la Révolution de 1959 et du Référendum de 1961 ont été brutalement balayées par le Coup d'Etat militaire du 5 juillet 1973 qui a charpenté son régime dicta torial sur le parti unique, le MRND, créé le 5 juillet 1975.

Par après, l'évolution des esprits a été telle que dans plusieurs milieux de la société rwandaise un malaise s'est fait de plus en plus sentir à l'endroit du régime dictatorial militaire. Aussi la vague de démocratisation qui déferle sur l'Afrique à partir de l'Europe Orientale est-elle tombée sur un champ suffisamment fertile au Rwanda à telle enseigne que dès l'adoption de la constitution du 10 juin 1991 et de la loi régissant les partis politiques, la création ou la rénovation de partis politiques se sont déroulées sur un rythme rapide malgré la résistance des détenteurs du pouvoir issu de l'ex-parti unique, le M.R.N.D, ex parti-Etat.

### 3. PROBLEME DES REFUGIES ET GUERRE D'OCTOBRE 1990.

L'agression dirigée contre le Rwanda par des éléments de la NRA d'Uganda (voir plus haut) ayant pris le nom de FPR-INKOTANYI était initialement couverte par des pré textes politiques tels que :

- le retour des réfugiés
- le renversement du régime dictatorial du Président HABYARIMANA;
- l'instauration d'un régime démocratique.

Tous ces prétextes ne résistent pas à la confrontation avec la réalité. En ef depuis 1964, le Gouvernement rwandais, l'une des institutions démocratiques issues de Révolution de 1959 et du Référendum de 1961, n'a cessé de demander aux réfugiés qui le souhaitaient de revenir au Rwanda. Certains d'entre eux l'ont fait et vivent mainten au Rwanda comme tous les autres citoyens de ce pays. Il est vrai que le régime dictat rial du Président HABYARIMANA n'a pas pu mener une politique déterminée en rapport av la question des réfugiés Rwandais éparpillés un peu partout dans le monde et concentr dans les pays de la sous-région des Grands Lacs.

A un certain moment, il a même été question de l'exiguité du territoire rwandais sur peuplé. Mais de façon particulière, les Gouvernements Rwandais et Ugandais venaient d'adopter une approche plus réaliste devant mettre au point les modalités du retour au pays des réfugiés Rwandais. Ces initiatives étaient soutenues par les démarches du Haut Commissariat des Nations Unies pour les Réfugiées (H.C.R).
Et c'est précisément au moment où la procédure suivait son cours que les agresseurs INKOTANYI ont envahi le Rwanda, causant tant de désolations dans le pays que le système socio-économique en devient plus fragile.
Ainsi les problèmes liés au retour des réfugiés ne pouvaient en aucun cas justifier une attaque armée, surtout que des bases assez solides de solutions étaient posées et que toute la démarche avait impliqué des milieux de réfugiés Rwandais eux-mêmes.

Le renversement du Président HABYARIMANA et l'instauration de la démocratie par la guerre sont également des prétextes qui cachent mal les véritables mobiles du FPR-INKOTANYI de s'emparer du pouvoir.
En effet, le processus de démocratisation, engagé suite à la vague de démocratisation venue d'Europe Orientale et quelque peu concrétisée par la promulgation de la Constitution du 10 juin 1991, n'a nullement besoin d'une guerre aussi meurtrière pour parvenir à des élections démocratiques et libres. Bien au contraire, la guerre constitue un frein au déroulement du processus démocratique. Par ailleurs, les agresseurs n'ignorent pas qu'en déplaçant, en torturant et en massacrant des populations innocentes, ils entendent plutôt soumettre la population, par la force militaire, à un joug dictatorial, selon les méthodes raffinées et camouflées de l'actuel gouvernement ugandais dont ils ont eu suffisamment de temps pour s'en imprégner, étant donné d'ailleurs qu'ils en assurèrent la consolidation à tous les niveaux. De toutes façons, ce n'est pas à travers guerre, tortures et massacres que le Rwanda, comme tout autre pays du monde, peut être conduit à la démocratie. Tout au contraire, cette situation compromet au plus haut niveau le principe de réconciliation nationale, sans lequel le pays ne peut pas être démocratiquement gouverné.

Prétextes mis à part, la véritable cause de la guerre imposée au Rwanda depuis octobre 1990 par le FPR-INKOTANYI, ouvertement soutenu par le Gouvernement Ugandais, n'est rien d'autre que l'instauration au Rwanda d'un pouvoir politique dominé par une minorité issue de l'ensemble des réfugiés Rwandais, minorité certainement guidée plutôt par des mobiles revenchards que l'instauration d'un système démocratique convenable pour le peuple rwandais tout entier ou tout au moins dans sa majorité. Sinon les agresseurs déposeraient les armes pour venir participer activement au processus de démocratisation qui sera couronné par le verdict des urnes.

Constatant que leurs attaques antérieures avaient échoué l'une après l'autre, les agresseurs ont préparé une invasion armée de grande envergure avec l'intervention directe et explicite de l'armée ugandaise. Selon les témoignages donnés dans le "Livre Blanc" publié par le Ministère des Affaires Etrangères et de la Coopération en 1991, sous le titre de "Toute la vérité sur la guerre d'octobre 1990 au Rwanda", l'Uganda fournit hommes, matériels, armes et équipements militaires de toutes sortes.
Tout récemment encore, un camion de l'armée ugandaise a été intercepté à Ruhengeri en service pour le FPR-INKOTANYI. Ce camion faisait partie d'une colonne d'autres qui ont pu s'échapper et regagner l'Uganda. La guerre déclenchée en octobre 1990 n'aurait pas pris une aussi grande ampleur et n'aurait pas duré si longtemps si l'armée ugandaise n'était pas intervenue.

Face au bilan sinistre des conséquences de la guerre, tenant compte du fait que la guerre constitue un frein à la démocratisation, eu égard au danger de voir la guerre embraser toute la sous-région, il s'avère impérieux de prendre des mesures appropriées pour mettre un terme à cette action dévastatrice et réinstaurer la paix au Rwanda.
Ces mesures ont d'ailleurs déjà été identifiées par ici par là; il suffirait que les pays et les organisations internationales participant aux négociations d'Arusha mettent tout leur poids politique pour que soient respectées ces mesures qui sont notamment :

- l'arrêt immédiat des hostilités et le retour des bélligérants dans leurs positions antérieures à la rupture du cessez-le-feu par le FPR en date du 8 février 1993;
- la poursuite des négociations d'Arusha;
- l'instauration d'une force militaire neutre entre les bélligérants pour garantir le respect du cessez-le-feu et permettre le retour des personnes déplacées dans leurs biens;
- l'installation d'une force militaire neutre tout en long de la frontière rwando-ugandaise pour arrêter l'invasion éventuelle du Rwanda par l'armée ugandaise.

Quant à la présence militaire française au Rwanda, comme treize partis politiques l'ont réaffirmé lors de leur rencontre du 2 mars 1993, cette présence du détachement militaire français s'inscrit dans le cadre de l'accord de coopération militaire entre le Rwanda et la France et ne gêne en rien la poursuite des négociations d'Arusha, contrairement à ce que prétend le FPR-INKOTANYI.

### 4. PROCESSUS DE DEMOCRATISATION.

La solution aux problèmes cruciaux que rencontre le Rwanda sur les plans militaire, politique ou économique peut se résumer en deux mots : PAIX, DEMOCRATIE. La paix proviendra de la signature et du respect des accords de paix. La démocratie qui est un long processus social et politique marquera un pas décisif lors des élections générales qui couronneront la période de transition à base élargie à laquelle va participer le FPR

Engagé depuis l'adoption de la nouvelle constitution du 10.06.1991 et de la loi régissant les partis politiques en juillet 1991, ce processus se déroule dans le cadre d'un multipartisme comprenant 16 partis et permettant à la population, par diverses actions de propagande et de sensibilisation, de se faire une idée sur les partis politiques en lice.

En outre, la transition prévue par la constitution est gérée par le Président de la République et le Gouvernement de transition dirigé par un Premier Ministre. Si des heurts ont eu lieu entre les deux organes, c'est à cause du premier nommé qui s'oppose à l'avancée de la lutte pacifique pour le pouvoir.

freiner ou d'altérer le processus démocratique et l'ancien parti unique, le M.R.N.D. vient en tête. Ce parti n'hésite pas à recourir à la violence, comme cela a été le cas au mois de janvier 1993 surtout dans les préfectures de Gisenyi, Ruhengeri, Byumba et Kigali où certains adhérents d'autres partis furent enrolés de force au MRND, d'autres furent molestés ou virent leurs biens pillés ou détruits, tandis que plusieurs autres encore étaient assassinés.

En cela, ce parti, à travers son Président qui est en même temps Président de la République, se sert des agents de l'administration territoriale et des forces de l'ordre qu'il a mis en place ainsi que de sa milice appelée "INTERAHAMWE" pour réaliser tous ses forfaits. En tout état de cause, il est à remarquer que les forces démocratiques restent déterminées à poursuivre pacifiquement la lutte politique et les résultats atteints les y encouragent.

L'autre obstacle majeur au processus de démocratisation provient du FPR qui, décidément, veut opposer la guerre à la démocratie.

Des mesures adéquates pour accélérer le processus de démocratisation résident dans la levée des obstacles afin d'aboutir aux élections libres. Il faudrait notamment:

- comme prévu dans le programme gouvernemental actuel, assainir l'administration publique principalement l'administration territoriale, les agents de l'ordre judiciaire et des forces de l'ordre;
- prendre des mesures administratives et même judiciaires à l'endroit des autorités administratives, politiques, judiciaires et des agents des forces de l'ordre qui ont failli à leur mission lors des troubles qui ont suivi le déclenchement de la guerre d'octobre 1990;
- dissoudre les milices des partis politiques;
- adopter un calendrier réaliste conduisant aux élections.

5. DROITS DE L'HOMME.

Le problème fondamental de la moralisation de la vie politique rwandaise passe par la défense des droits de l'homme. En effet, le non-respect des droits de l'homme figure parmi les points marquants des 20 dernières années au Rwanda où sous le régime dictatorial du Président HABYARIMANA les libertés individuelles les plus élémentaires n'ont pas été respectées. C'est ainsi que la liberté d'opinion, la liberté de presse, la liberté de circulation, la liberté politique, bref toutes les libertés publiques ont été entravées et les victimes se comptent par milliers. Durant cette période, l'usage de la torture est devenu institutionnalisé et les assassinats politiques ou non ont été perpétrés par les dirigeants de la deuxième République au lendemain du Coup d'Etat militaire du 5 juillet 1973. Ces pratiques ignobles se retrouvent encore chez des conservateurs aveugles, classiques de l'ex-parti unique, le MRND.

D'autre part, le FPR-INKOTANYI, depuis l'agression du 1er octobre 1990, s'est rendu et continue à se rendre coupable de violation des droits de l'homme en massacrant des populaitons innocentes, en éventrant des femmes enceintes, en violant, en pillant des biens, en torturant et en mutilant des populations civiles.

déplacés de guerre dont le nombre avoisine actuellement un million de personnes. C'est également à eux que sont imputables les conséquences désastreuses de la guerre en termes de pertes humaines, de pertes économiques, d'enfants orphelins, d'infrastructures détruites et de zones environnementales dévastées. Il est enfin à remarquer que les méfaits du FPR-INKOTANYI sont dissimulés par la guerre médiatique minutieusement préparée et soutenue de longue date avant le déclenchement de la lutte armée.

6. RELANCE DE L'ECONOMIE.

La guerre s'est abattue sur le Rwanda au moment où il était aux prises avec une crise économique sans précédent. Déficits budgétaires et de la balance des paiements, stagnation de la croissance économiques, résultats négatifs des entreprises, climat où la gestion de la chose publique n'inspirait plus confiance à la population, tout cela avait préparé un terrain favorable à l'agresseur qui n'a pas hésité un seul instant pour réduire l'économie du pays à sa plus simple expression.

Déjà avant la guerre, le Gouvernement avait entamé des discussions avec la Banque Mondiale et le FMI sur les mesures de redressement économique. Ces discussions ont abouti au Programme d'Ajustement Structurel (PAS) qui est entré en vigueur en novembre 1990, en pleine guerre. Depuis lors le PAS est mis en exécution, pendant que l'attention du public est braquée sur les dossiers brûlants que sont la guerre, l'insécurité et le multipartisme. Cette attitude du public obéit à une certaine logique qui veut que seul un gouvernement fort issu des élections sera en mesure de relancer véritablement l'économie.

7. INTERVENTIONS ESCOMPTEES DE LA PART DES NATIONS UNIES.

L'action des Nations Unies dans la situation actuelle du Rwanda peut se situer à chacun des trois volets, à savoir : la paix, la démocratie et la relance de l'économie.

Concernant la fin de la guerre et la réinstauration de la paix au Rwanda, en plus d'une participation active aux négociations de paix d'Arusha, les Nations Unies pourraient envisager quelques actions immédiates, notamment :

- en mobilisant davantage les organismes du système des Nations Unies pour les aides humanitaires en faveur des déplacés de guerre;
- en faisant intervenir le Conseil de Sécurité pour amener le Gouvernement Ugandais à cesser immédiatement d'attaquer le Rwanda à travers la NRA et le FPR; cette décision du Conseil de Sécurité serait assortie de sanctions politiques, économiques et même militaires à l'endroit de l'Uganda s'il refusait d'obtempérer;
- en envoyant une force militaire internationale neutre pour contrôler toute la frontière entre le Rwanda et l'Uganda afin d'endiguer l'infiltration de militaires et de matériels de guerre en provenance de l'Uganda pour mener la guerre au Rwanda; le détachement français déjà en place ferait partie de cette force;
- en envoyant une force d'interposition entre les belligérants afin d'assurer le respect du cessez-le-feu devant aboutir à la paix;
- en organisant une enquête internationale sur les crimes de guerre, les crimes contre l'humanité (génocide) et les violations des droits de l'homme commis par le FPR et la NRA pendant la guerre d'octobre 1990.
- en clarifiant à travers le HCR, la situation de personnes se disant réfugiés Rwandais et en participant de façon totalement engagée à la recherche d'une solution définitive à ce problème.

Pour ce qui est de la poursuite du processus de démocratisation, le système des Nations Unies devrait continuer, à travers le PNUD notamment, à soutenir financièrement tous les projets bilatéraux ou multilatéraux en rapport avec la démocratisation de la société et des institutions politiques du pays. En outre, comme en 1961, les Nations Unies sont bien indiquées pour participer avec d'autres observateurs à la supervision de la préparation et du déroulement des prochaines élections tant communales, législatives que présidentielles.

Enfin en matière de redressement de l'économie, les Nations Unies pourraient renforcer leurs contributions au PAS ainsi qu'aux mécanismes corollaires en rapport avec les aspects sociaux de ce programme.

Comme en 1961, trente-deux ans après, l'on peut être confiant que les Nations Unies vont jouer un rôle décisif dans la situation critique actuelle que traverse le Rwanda, en tenant compte des aspirations des masses de la population selon l'idéal démocratique qui soustend le système de cette grande Organisation.



## IRYAVUZWE:

Perezida wa MDR amaze iminsi atanga ibiganiro ahantu henshi, yagiye no muri KAMINUZA i Butare n'i Mburabuturo. Avuga ko MDR PARMEHUTU yakoze nka MRND ikaba igomba kwamaganwa. Twe dusanga ataribyo kuko nta kuntu imbaga y'abantu bangana n'IMPIRIMBANYI yakwibeshya ngo yemere kugendera ku matwara y'ishyaka ryakoze nka MRND, yishe ikiba, n'ibindi. Amara gukora ayo mahano bamucyaha akirukira kuri NSENGIYAREMYE ngo navuge ko babyumvikanyeho. Dismasi ntazavaho yibeshya ngo ngaha ni ugutsimbarara ku bumwe mw'ishyaka kuko undi ashobora kubigenderaho akagumya akaritobera. I MBURABUTURO ntibabyishimiye bamuha induru. Twibuke ko hari ibaruwa bigaragara ko yaturutse mu NKOTANYI zamwandikiye zimubwira ko igihe kigeze cyo kugira ngo ahaguruke avuge ibibi byose MDR PARMEHUTU ngo yakoreye igihugu yica abantu ikica n'igihugu kugira ngo arandure ibisigisigi byayo byose. Twayisohoye mu UMURANGI n° 014. Turacyumirwa.

O.NT.B

## SONARWA : BYAJAGUYE.

Kabuhariwe (ubugome) HAKIZAYEZU Matayo noneho aho amenyeye ko abakiliya bagomba kwishyurwa bamenye ko ariwe ubashyirira amadosiye mu kabati kubera impamvu zidasobanutse zirimo ariko n'ubwirasi, ibisazi byajaguye. Asigaye yirirwa atumiza abakozi buri mwanya ababaza ubusabusa, abatera ubwoba ngo azabagira nkuko yagize abandi nta n'ikosa bafite, abasaba gushinja bagenzi babo ibyaha batakoze, ku buryo kenshi na kenshi usigaye usanga akazi ka SONARWA kahagaritswe nako kajagari ka KABUHARIWE. Byajaguye rwose nk'igihe bari bamaze kumurundira ku bifaranga bya SONARWA batanizeye ko azapfa abyishyuye maze yapfusha umwana akajya asarana umugore we ngo ntakamuzanire inshakarafu mu rugo ngo zitwaje ko zije kumusura, kandi abaturanyi bahoranye mu RWAMPARA cyera Yozefu SIBOMANA atarashya mukura aho umwami yavanye abasyete. Azumva ryari ko iby'isi ari gatebe gatoki. Twongeyeho kwibutsa HATEGEKIMANA Yohani Damaseni uyobora inama y'ubutegetsi ya kiriya kigo ko indishyi z'imanza zose SONARWA igiye gutsindwa kubera amafuti y'uriya mugabo bakwiye kuzazimwishyuza kugiti cye cyangwa bakavuga niba SONARWA ntaho igihuriye na Leta y'u Rwanda abanyarwanda bose bakayivanaho amaboko. MUKANDOLI A.

# BUTARE, Agatha na GATABAZI barayitabaguye.

BUTARE yagorwa!!! BUTARE yagorwa!!! Ubundi nkuko bizwi hose, I BUTARE niho vuko rya demukarasi mu RWANDA. Ibyo rwose ntawe ubiburana iyo yibutse igitutu GITERA yokeje Umwami n'IBINANI by'icyo gihe aricyo cyavuyemo kwibohora ingoma ya cyami na gihake mu RWANDA. Nyamara imvune yahavunikiye n'ibihembo yabonye ntibingana rwose. Muri 1973 hari bamwe mu banyabutare bafashije umushiru guhirika KAYIBANDA, ibihembo bagiye babona murabizi. Nk'uwitwa NYAMWASA Gallikani wari Kapiteni mu ngabo z'u RWANDA bamuhambye ari mu zima. LIZINDE azabihakane. Ibyo byose ni bike mu ngero zari zikwiye kwereka abanya Butare ko bari bakwiye kureba kure, nanone muri iyi nkubiri ya Demukarasi ntibazongere kuba aka wa Mukunnyi NDUHIRABANDI kubera akajagari wagirango ni uko babaroze. Aho muribuka Ikipe MUKURA V.S. kenshi iyo yabaga ihagaze neza ariko ikaza nko kubererekera ikipi y'igikomangoma iki n'iki, cyangwa cyane cyane nka Panthères kugirango umunyabutare Kanaka akunde arebwe akajisho neza kabiri, maze ni kaba ari akazi cyangwa aferi ze bikunde bisugire ? BANYABUTARE??? Koko tuzahere muri urwo ?

ABANYABUTARE BARAHAGOKERA, ABIRIRA BAKIRIRA.

Muri iyi ntambara itoroshye yo guhangana n'ubutegetsi bw'igitugu, abanyamakuru benshi b'i Butare bahabaye abihanduzacumu. Abanyapolitiki nka GATABAZI uroye niwe P.S.D. ishingiyeho. KAMBANDA Yohani numwe mu batsimbaraye n'ingufu nyinshi cyane mu kuvugurura MDR PARMEHUTU ishyaka bigaragara ko iyo rita garuka n'aka gatambwe gato abarwanya MRND bagezeho kaba ari ntako. Ubwo yabitsimbararagaho abanyakazu benda kumuhitana nyamara ba RUKEBA basigaye barigize Imana ishobora byose muri MDR bo bariho bavuga ngo nibareke kuzura ibyapfuye, ngo Pourquoi ces Momies!! Ejobundi nibo bahagurutse amatora y'i BUTARE bayivangamo, agakipe k'abantu bake bari baritangiye MDR BUTARE kandi bakahavunikira cyane cyane ko nta buryo buhagije bari bafite kandi PSD ikaba yari yarabatanze mu Kibuga bagacamo udupande ku buryo buteye agahinda, bamwe bemeye kugwa muri uwo mutego bakaba bari bakwiye kwiyunga na bagenzi babo abantu batarahaguruka ngo babaregere rubanda rugomba kuba rutigeze rusobanukirwa n'umukino wabaye i BUTARE. Tugarutse ku Banyamakuru byo ni urundi rwego. Burya Butare niyo iri kw'isonga mu bakunzi ba demukarasi bemeye bagashora utwabo mw'itangazamakuru, bagatotezwa kugeza aho abenshi benze kuhatera ubuzima bwabo. Inararibonye KAMEYA wa RWANDA RUSHYA ni uwo muri Komine KIBAYI i BUTARE ari nayo ifite abanyamakuru benshi, kuko ariyo HANGIMANA Faranswa w'IJAMBO na NTAWUYIRUSHINTEGE Bonifasi w'UMURANGI bavukamo. Uzavugako bariya bagabo batavunikiye ihinduka ry'ubutegetsi muri iki gihugu azagende yivugire. Ubwo haza ba KAMURASE Martini, Le Soleil ni iyabanyabutare, Le Tribun du Peuple yo MUGABE wayitangiye yarinze gutoroka bagiye kumuhotora, Repubulika, KIBERINKA ya ba KAMANAYO na ba SHABAKAKA, BURACYEYE ya SAM




Gody, L'Ere de Liberté ya MPAYIMANA Eliya bahoza ku nkeke w'i Nyaruhengeri. Ubwo ariko niko hari n'abandi banyamakuru banyabagiye hirya no hino mu bindi binyamakuru, muri za KINYAMATEKA, ba KAYIRANGA Marcellin muri KANGUKA, HABIMANA Jacques mu ISIBO, ba NTAZINDA Karoli mu Rumuli rwa DEMUKARASI: le Flambeau ni iy'abanya Butare, La Griffe ni iyabo ndetse bikaba byatwara n'igihe kugirango umuntu abashakishe bose abibuke.

Ibi byose ni ibyerekana ko Abanyabutare mu kwitabira ibivunannye bya demukarasi aribyo guhirika ubutegetsi bwigize akari aha kajyahe bakunze kuba ba GITERA, nyamara byagera ku mbehe ntibamenye gukoramo kubera ibintu bisa no kudashyirahamwe ngo bashikame batsimbararane ingufu nyinshi kubyo baba bitangiye cyane mu itangira. Reka rero inkunga bashakaga gutera demukarasi mu RWANDA n'amashyaka bashyigikiye by'umwihariko dore ko abenshi muri bariya banyamakuru usanga bikundira PL, PSD na MDR kandi akaba ariyo asibanira i BUZAMBIYA izabapfire ubusa kubera gushyirira kw'isahani abadashoboye kwinjiza igitego mu izamu bakishimira kuwurwanira imbere y'izamu kikabura.

BUTARE YIHAYE AMENYO Y'ABASETSA

Ibibera i BUTARE biteye agahinda HAGATI ya MDR na PSD, bikwiye kugarurirwa hafi n'abantu bose bakunda BUTARE amazi atararenga inkombe. Ikibazo cy'i KIGEMBE ari nacyo kivugwa cyane sicyo kibaye icyambere mu gushyamiranya ariya mashyaka, ariko nibwo bugiye kuba ubwambere bigera aho gufatana mu mashingo, ndetse bikagera n'aho gufata intwaro ngo batsembatsembane. Twe tubona batari bakwiye gupfa ubutegetsi bw'inzibacyuho. Ubundi nkuko bigaragara muri MEMORENDUM ya Docteur Ignace SENDAMA, inyandiko twashimye cyane irimo ukuri kugaragaza umugabo ukunda ishyaka koko atitaye ku nyungu ze gusa, tukaba dusaba abayobozi ba MDR Butare kutaziha kumurenz ingohe nkuko bamwe baba batangiye kujy babashinja iyo myifatire, PSD yatangiye g shaka abayoboke mbere ya MDR, yinjira m bacuruzi bakomeye, mu barimu, abagoronom na ba Veterineri, ba Assistant Bourgmestre n'abandi bantu bose yabonaga bajijutse. Iy urebye usanga PSD yarafashe abantu basanzw bifite, bafite uko rubanda ibabona mu miba nire yabo n'ubutegetsi busanzweho ku bury idapfa kubitabira, yo ibona ntacyo bashobor guhindura. Byakubitiyeho rero no kuyobor MINAGRI na MINITRAPE, ngo noneho ama projets menshi y'i BUTARE ajya mu mabok ya PSD, cyangwa se abakaderi bayo bakayo boka PSD, bityo abaturage babona amamo doka ya za Projets n'ibindi ariyo ajya ku ba koresha amanama bakabona nyine ari babandi nta LUNARI nta LONI, cyangwa se nta MRNI nta PSD.

Ku ruhande rwa MDR rero siko bimeze. MDF yashatse abayoboke itinze. Yasanze PSD yara giye iroba za njijuke twavuze, ariko ikoreshej abacuruzi bake yabashije kubona, inabifashi jwemo n'intiti n'abandi bakozi b'i BUTARE bavuka mu yandi ma Perefegitura, MDR Butare yabashije kwigarurira rubanda rugufi, noneho igira ikibazo cyo kubona abafata imyanya y'ubuyobozi ngo bakomeze bigishe ishyaka rigire ingufu, abenshi bamaze no gutorwa bagaragaza ko batari bazi icyo bakurikiranye, rubanda rwa MDR ihera mu gihirahiro. Ibi byakubitiyeho no kutagira abayobozi b'ishyaka hafi yabo, dore ko abenshi bibera i KIGALI. PSD yo rero imikorere yayo ni uguhozaho, gutitiriza, kugirana imishyikirano na bene abo bantu bajijutse muri rubanda ku giti cyabo bakavugana, bakamutitiriza kugeza yemeye kujya muri PSD.

IKIBAZO GISHOBORA KUBA ATARI INSOBE NKUKO TUBIBONA.

Muri iri shaka rya ba Bourgmestre basi mbura abavuyeho mu byukuri, PSD idashatse kuyobora BUTARE ku ngufu nta kibazo cya gombye kubaho. Mu manama y'impuguke y

za komini, birumvikana ko higanjemo aba PSD, kubera bwa buryo yakoresheje ishaka abayoboke. Haje kwiyongeraho no gukoyora abakonseye na ba Bourgmestres ba MRND, MDR yari yarabohoje ikabasuka hanze ari nabyo ahari umuntu yayigaya usibye ko ari uburenganzira bwayo. Dufatiye urugero kuri KIGEMBE, MDR ihari kuri 90%. Nkeka ko atari ibinyoma kuko no muri za 62, MDR PARMEHUTU yatoye kugeza kuri 92%. Impirimbanyi rero nizo zabohoje iyo komini ndetse na PSD irabyemera nkuko tubibona muri Le Soleil No 27 aho bavuga ku buryo byari bukwiye gutera isoni umuntu wese wirirwaga abeshya ko amashyaka arwanya HABYARIMANA ashyize hamwe, ko MDR yahemukiye MRND ikayambura ubutegetsi, Interahamwe zayo zikarinda iyo zihungira i BURUNDI. Ntibyumvikana ukuntu umuntu wese wemeye kuyoboka PSD twajya duhita dusoma mu binyamakuru byayo ngo ibyo bamuvugagaho byose baramubeshyeraga. Ba KANYABASHI, ba KABEZA ba SEMANYENZI, n'abandi bose ubu ngo nibo bere i BUTARE, ku buryo n'umunsi RWAMBUKA cyangwa GATETE bayobotse PSD tuzasoma mu binyamakuru bya PSD ngo ibyo babavuzeho byose barababeshyeye. Uko Bigaragara rero, PSD yaragiye igarura za NTERAHAMWE zose, ba Konseye, ba Bourgmestre SEMANYENZI bagaruka ari PSD kandi ari nabo bagize ya nama y'impuguke ya KOMINI izatora Bourgmestre mushya babifashijwemo na za mpuguke PSD yifatiye rugikubita. MDR rero irakariye ayo mayeri birumvikana kuko bigaragara ko yaba yaravunikiye ubusa. Abaturage banangiye ko batazayoborwa nabo bantu ngo ni uko bahinduye umwambaro w'Interahamwe bakambara uw'abakombozi ntawabarenganya.

PEREFE HABYARIMANA NA PL NIBABF ABAHUZA.

Tutagiye mu byo gupinganwa, biraboneka ko babifashijwemo na Perefe umaze kugaragaza ko ashobora kuyobora BUTARE kuko ayizi bihagije, nk'ikibazo cya KIGEMBE kirumvikana, bicaye bakagicoca, bakareba nibyo mu yandi makomini n'ahandi haba hari ikibazo nk'icya KIGEMBE PSD igacisha make, aho bitameze gutyo kandi naho Mme UWILINGIYIMANA Agatha n'Inkuba ze bakemera bakavunywa kuko muri Guverinoma nawe arimo bajya gushyiraho buriya buryo bwo gusimbura ba Bourgmestre nta nama batugishije ngo tubakorere iperereza tubabwire. Inzibacyuho ni Inzibacyuho nyine ntibari bakwiye kurinda guhuhura Butare n'ubundi isanzwe yarazambye. Ishyaka PL muri rusange ryari rikwiye kugira akazi k'umuhuza nta buryarya kuko bikomeye naryo bishobora kuriganuka, dore ko twamenye ko MRND–CDR ishaka kubyuririraho ngo iteze intambara y'amoko MDR, PL na PSD byari byarakumiriye muri BUTARE kugeza ubu. Niyo mpamvu ibirihe bibera i NYABISINDU n'i MUGANZA ari ibyo kwitondera. Ntitwarangiza tudasabye abana b'abanya Butare kutagwa mu mutego wo kwitsembatsemba ubwabo, dore ko ku wa kane tariki ya 18 Werurwe 1993 bafatiye DAYIHATSU y'umucuruzi witwa Mugirabanga Sixte kuri Bariyeri yo ku MUKONI wa NKIRA yuzuye abakombozi bafite intwaro bamanutse ngo gutsembatsemba Impirimbanyi zo muri KIGEMBE. Perefe dukomeje gushimira uko ariho yitwara muri ibi bihe bikomeye u RWANDA rwose na Butare bikaba bitayiretse nagerageze kumvisha INKUBA ko BUTARE yari ikwiye gukomeza kubwitonzi n'ubwumvikane byakunze kuranga abayituye maze ayirinde gushya.

O.NT.B.

# Ikiganiro twagiranye n'umuntu wamaranye imyaka myinshi mu buroko na LIZINDE na bagenzi be.

(Nyirukuduha iki kiganiro ntiyashatse ko tumuvuga izina, yabitubwiye uko abizi, ntawamenya niba koko ari ukuri. Gusa, twifuza ko abasomyi bacu badutangariza icyo babivugaho bityo ukuri kukajya ahagaragara).

**O.NT.B.:** Wamaranye imyaka myinshi muri gereza ya RUHENGERI na LIZINDE kimwe na bagenzi be. Ko mwakundaga kuganira kuko wumva wari unahakomeye uri KAPITA, yaba yarakuganiriye ku bya COUP D'ETAT yo muri mirongo irindwi n'itatu?

**X.Y.:** Ibya coup d'etat uko LIZINDE yabivuze, ngo uwo munsi umukuru w'igihugu yari yiriwe iwabo aza nimugoroba, ageze i KIGALI baramubwira ngo niyitabe KAYIBANDA. Yagezeyo KAYIBANDA ngo azana ikilisiti kinini yari afite mu ntoki aramubaza ati: Mr. le Ministre ibi ni ibiki? Jenerali agwa mu kantu ayoberwa ibyo aribyo aramubwira ati nanjye ntabwo nzi ibyo aribyo. Ubwo ngo kwa KAYIBANDA hari umusaza wari Ministiri de l'Agriculture NKEZABERA Damiyani ariko mu cyumba hari hihishemo abandi bantu barimo BIZIMANA Andereya, SHUMBUSHO, n'abandi. Ngo Jenerali yari yahagaze muri départ, abonye bagiye kumwiciramo KAYIBANDA asubiye mu nzu Jenerali ahita asohoka, aragenda ageze muri Etat Major asona alerte, bajya gushaka abandi basirikare. Nkuko LIZINDE yabivugaga rero, ngo SAGATWA yaje kumubyutsa iwe ari kumwe na GASAKE aramubwira ati bagiye kutwica nawe uri ryamiye? Ngo yarabyutse ajya muri Etat Major bakora akanama gatoya, ubundi bakora Coup d'Etat. Ngo na NKULIYEKUBONA bari kumwe.

**O.NT.B.:** Iyo listi yariho bande bagombaga kwicwa?

**X.Y.:** Bari 75 barimo JENERALI LIZINDE, ngo n'abandi bakuru b'abasirikare. Ngo Kayibanda yamubazaga ababikoze kuko nawe atari azi abayikoze. Ngo byari byatapwe n'umukobwa witwaga KABARENZI Anyensi. Bakoze Coup d'Etat gutyo rero bahita bafata abari kwa Kayibanda barimo BIZIMANA, SHUMBUSHO, NYILIBAKWE, ndetse ngo bamwe basanze bari mugutelefona mu Bubiligi mu gitondo basaba renfort, uko bari babiziranyeho bajyanwa muri gereza. Ubwo nyine bahise bajya hirya no hino bafunga ibigo, mu gitondo batangira gufata abaministiri n'abandi, ba BIZIMANA nibo bafashwe mu cyiciro cya mbere abandi nka ba KANANI bafashwe nka nyuma y'ukwezi.

**O.NT.B.:** KAYIBANDA babanje kumufungira he?

**X.Y.:** I RWERERE.

**O.NT.:** Yagiye kuburana mu RUHENGERI ariho avuye?

**X.Y.:** Ariho aturutse rwose, yambaye Costume ye.

**O.NT.B.:** Yavuye kuburana abona kujya iwabo i GITARAMA?

**X.Y.:** Yagiyeyo yaraciriwe urubanza byarangiye.

**O.NT.B.:** Yari akatiye iki?

**X.Y.:** Bari baramuhaye gupfa, ku ya 5/7/74 jenerali abagirira imbabazi bajya kuri zeru.

**O.NT.B.:** LIZINDE rero yaje kukubwira ko yaje kubahukamo akabakindagura?

**X.Y.:** Nyuma hajemo kubica. SEMBAGARE abicisha inzara ariko urumvako harimo itegeko rya LIZINDE, noneho bakajya bapfa gutyo, hapfa bake kugeza igihe barangiriye.

**O.NT.B.:** Uroye abageze igihe cyo kuburana n'abatabashije kugeza igihe abenshi ni abahe?

**X.Y.:** Abenshi ni abatageze mu rukiko. Hari n'abagezemo bari bakatiye nk'imyaka ibiri batabashije kumara, bose barapfuye.

**O.NT.B.:** Hari ibyo yagiye akubwira se kuri abo batabashije kugera mu rukiko?

**X.Y.:** Yavuze ko abantu bose bapfuye kimwe ari abageze mu rukiko ari n'abatarugezemo bose barishwe.

**O.NT.B.:** Uko kwicwa ariko niko kwatumye bamufunga?

**X.Y.:** Nibyo byatumye bamukatira nawe urabyumva.



*Major LIZINDE ati : «Sijye wicaga bampaga raporo».*

**O.NT.B.:** Yagiye rero ababwiye iby'imipfire ya bamwe. Kuko aburana ngo hari ibyo atagiye avuga, dore ko ngo yaba yarasabye kuburanira mu ruhame bakabyanga akaburanira imbere ya ba ZIGIRANYIRAZO gusa.

**X.Y.:** Yarabishatse Prokireri avuga ko byakurura umwuka mubi mu gihugu nuko aburanira mw'ibanga. Lizinde we yatubwiye ko yavuze ibintu byose uretse ko ngo mu MVAHO batabyanditse byose. We yagiraga ati abo bantu koko barapfuye ariko sijye wabishe jyenyine, kuko uburenganzira bwabaga bwatanzwe n'abakuru.

**O.NT.B.:** Ntibyaba byari amatakirangoyi se ubwo?

**X.Y.:** We avuga ko batashoboraga kwica abantu umukuru w'igihugu atabizi ngo kandi yari ashinzwe kubimubwira. Ati niyo ntabimubwira kandi, hari abandi benshi bashoboraga kubimubwira. Yaburanaga rero avuga ko umukuru w'igihugu yari abizi rwose.

**O.NT.B.:** Muri abo bose bapfuye hari abapfuye warageze muri gereza yo mu RUHENGERI?

**X.Y.:** Bapfuye mbere, twebwe twagezeyo dusanga barapfuye hasigaye abantu bakeya.

**O.NT.B.:** LIZINDE yakubwiye iki kw'iyicwa ryabo?

**X.Y.:** Ngo ntabwo yahageraga. Bamuhaga rapport y'abapfuye. Abenshi SEMBAGARE yabicishaga inzara. Naho ubundi iyo LIZINDE yabaga aganira abwira abantu bose, yavugaga ko ngo azi koko ko bapfuye, ati muri politiki niko bigenda. Ati nka HARERIMANA Jenerali yari yavuze ko bamufungura, ariko bamutumyeho basanga yapfuye. Yemera rero ko yabaga abizi. Ati nko mw'ibaruwa HARERIMANA yari yandikiye Perezida wa Repubulika yaramubwiraga ati Nyakubahwa Perezida ko uwo uzaheka utamwisha urume, niba tugomba kubaho twafashwe kimuntu cyangwa se tugapfa bikarangira, ntidupfe urw'agashinyaguro. Ubwo nyine Perezida yategetse ko bamufungura bagiye kumureba basanga yapfuye.

**O.NT.B.:** LIZINDE ntiyakubwiye ko ariwe wamwishe?

**X.Y.:** Yahise atumaho kugira ngo bamwice, aratinda ahagera SEMBAGARE yamurangije, nuko ariyerurutsa.

**O.NT.B.:** Yari atarakatirwa nawe?

**X.Y.:** Yari akatiye imyaka ibiri. Abandi nk'abitwaga ba Kibuye, ba Mivumbi, ba Turatsinze, ba Anyesi Kabarenzi, ba David Nsanzishuri n'abandi nka ba Ntaganzwa Alexandre bose bishwe na SEMBAGARE abicisha inzara.

**O.NT.B.:** Ngo hari abari babanje kwanga ibiryo?

**X.Y.:** Bakoze grève bifuza kubona MINISITIRI w'ubucamanza. Baravuga bati kubera gufatwa nabi kutaduha amazi yo kunywa, kutaduha ikiringiti cyo kuryamira, kubera kubura ibidutunga tugafatwa nabi, nidukora grève Ministiri azaza ategeke batugaburire. Banze ibiryo rero SEMBAGARE abibimira rimwe, ntibigera bongera kurya bagenda bapfa gutyo buhoro buhoro uko iminsi igenda barapfa bararangira. SEMBAGARE yagendaga abishongoraho ngo nibategereze amanyama n'amawiski Ministiri azabazanira. Ntaganzwa we yemeye kurya SEMBAGARE akomeza kubimuha kugeza muri 1979, ubwo CYARAHANI yazaga aba ariwe umwica, abimwimye. Yapfanye n'uwitwa KABANDANA Célestin n'uwitwa NKURIKIYE Yustini warashwe na Cyarahani muri 1979. Ibyabo byarangiye neza neza kuri Bonne année 1980. Uwitwa NDUTIYE wari umu G.P. Cyarahani yamurasiye muri corps de garde ku muhanda.

**O.NT.B.:** Ese Bizimana yapfuye ate?

**X.Y.:** Bizimana yapfiriye mu kasho ariko bakavuga ko BISERUKA ariwe wamurasiyemo.

**O.NT.B.:** Ba Magisi se na ba MULINDAHABI...!

**X.Y.:** Abenshi muri abo bagiye bajyanwa ku Gisenyi bakicirwayo. Uwitwa Butsitsi wari Ier Sergent Major niwe wayoboraga abo bishi hamwe na BIHEZANDE, bajyaga kubicira ku Gisenyi kw'itegeko rya Biseruka.

**O.NT.B.:** Ibyo byose ni Lizinde wabibibwiriraga?

**X.Y.:** Ni Lizinde. Ndetse na Biseruka ubwe yarabivuze, Butsitsi nawe yavuze uko babigenzaga, kuko bavuye kuburana baraje babibwira abantu bose uko byagenze, abari muri gereza bose bababwira uko abanyagitarama bapfuye, bababwira ngo bazajye kubibwira benewabo babahe inkuru boye kugirango nibo babishe bonyine ngo barangana. Bati ni itegeko twabaga twahawe.

**O.NT.B.:** Abo bantu bose bahambwaga i Nyamagumba?

**X.Y.:** Yeee! Abandi bagahambwa ku Gisenyi.

**O.NT.B.:** Ngo KANYARENGWE yaba yarigeze gusaba ko babavanira amaraso y'abanyagitarama mu Ruhengeri bakayajyana iwabo ku Gisenyi?

**X.Y.:** Kanyarengwe ntagaragara muri iriya dosiye.. Na Lizinde yavuze ko Kanyarengwe atigeze abijyamo, ngo abimenye. Ngo abanyaruhengeri ntabwo bigeze babimenya, nta n'ubwo bigeze bishimira imipfire ya bariya banyepolitiki ba Repubulika ya mbere. Nibyo rero ngo baravuze ngo ntibashaka ayo maraso y'abanyanduga babamenera iwabo nibayajyane. Byaba ahari aribyo byatumye Lizinde ageraho akajya kubahamba iwabo.

**O.NT.B.:** NZANANA ntabwo uzi ibye?

**X.Y.:** Lizinde yavuze ko Nzanana yishwe n'umuntu witwa Habyarimana Simoni wari Liyetona amuroshye mu rwa BAYANGA.

**O.NT.B.:** Ngo hari abo baba barakubitiye agafuni mu muryango wa gereza bafungurwe?

**X.Y.:** Oya, kuko na Butsitsi yambwiye ko NYILIBAKWE ariwe bakubise igipfunsi mu nda bamusohoye agapfira mu modoka bagiye ku Gisenyi. Donc bamukubitiye igipfunsi mu ijipe bamujyanye bamukurura hasi kandi yari amaze iminsi ngo atabona ibiryo nkuko Sembagare ubwe yabyivugiraga.

**O.NT.B.:** Lizinde ntiyakubwiye icyaramushwanishije n'ubutegetsi bw? ne wabo?

**X.Y.:** Lizinde yagize inda ndende n'inyota y'ubutegetsi. Uroye ubundi an kosa ni aye.

**O.NT.B.:** Nawe yarabyemeraga?

**X.Y.:** Nawe yarabyemeraga. Yavuze kc ngo Jenerali yari atangiye kumusuzugura atak... imwizera, ngo kuko hari abari basigaye bamunyura ku mpande bakamumuregaho. Nawe kandi ngo yari asigaye areba ibyo Jenerali akora bikamutera iseseme Ngo yabonaga yiba amafaranga. Agakoresha miliyoni 250 ku mwaka mu ngendo ngo ku mafaranga yubatse ikigo cy'abajepe yamizeho, n'ibindi byinshi.

**O.NT.B.:** Yamuregaga se iby'amafaranga gusa?

**X.Y.:** Yamuregaga iby'amafaranga arikc akagira n'akantu kuko yabonaga atakimwizera.

**O.NT.B.:** Ibikosa se yirirwaga akora, hari n'abantu yishe batagaragara mu banyagitarama cyangwa ingo yasenye.

**X.Y.:** Barahari benshi. Nk'umugore wa NKULIKIYINKA Edouard yari yaramutitirije amwaka bukeye amuha rendez-vous ngo azaze ku wa gatandatu ngo umugabo we ntazaba ahari. Yabwiye umugabo we ati Lizinde yarandembeje none kuwa gatandatu uzaryame hano ukureho imodoka yawe uzankiranure nawe. Bari batuye munsi ya BANKI NATIYONALI. Ku wa gatandatu kw'isaha ya saa tanu n'igice bahanye Lizinde aramanuka n'umushoferi we KARURANGA agera kwa Nkurikiyinka Yarakomanze umugore amuha karibu, kandi hari imodoka y'umugore gusa. Lizinde nyine yabwiye Karuranga ati igendere, uze kugaruka nyuma y'amasaha abiri. Yageze muri salon umugore aramwakira amuha icyo anywa, mu kanya Lizinde ati cya kibazo cyanjye ko aricyo cyinzanye. Nyamugore rero ati reka nze. Yagiye mu cyumba

**LIZINDE yari umugabo utinyitse cyane ku buryo yarebaga undi amaraso akagagara yareba hejuru inyoni zigahagarara, yarora kuri coffre inote zikisohoramo, yarora umugore ikaliso ikimanura ! Iyo yagutumiraga mu biro bishinzwe iperereza yari abereye umuyobozi wagendaga wasezeye kuko wabaga wizeye neza ko utari bugaruke. Yaje gufungwa muri 1980, ashinjwa kuba yarashatse gukora coup d'Etat ikamupfubana (iyo coup d'Etat ipfuye urahanwa yashoboka ukaramywa !) Uwo LIZINDE rero yari azwiho kuba ari we wagize uruhare runini mu iyicwa ry'abanyapolitiki biswe «Ab'i GITARAMA».**

*Umuhanzi No 3*

abwira umugabo we ati byuka Lizinde yaje kandi amereye nabi. Nkurikiyinka arabyuka, yambaye za pyjama asuhuza Lizinde aricara, nuko umugore ahagarara iruhande rw'akabati ati Edouwa...! Ati Lizinde yanyatse igituba kandi namuhaye rendez-vous, ariko natinye kumuha ntabikubwiye, none nagira ngo ngusabe uburenganzira muhe, ntaho anjyana, ati yarandembeje. Nkurikiyinka ati ndabuguhaye genda umuhe. Umugore abwira Lizinde ati ngwino njye kuguha yabyemeye, ati ntitujya no mu cyumba turajya muri chambre y'abashyitsi. Lizinde agira isoni arahakana, aratukana ngo Karuranga wa mushoferi we arihe, amubuze aterefona indi modoka arigendera. Ubwo Lizinde yabimbwiraga agira ati abanyandugakazi ni abantu babi cyane, ati narumiwe.

**O.NT.B.**: Nyuma uwo Nkurikiyinka ntacyo yaje kumutwara?

**X.Y.**: Oya, ntacyo yaje kumutwara kubera ko ibya Lizinde byari bizwi. Bari bazi ibyo yakoze kwa Samusoni Muvunyi, yarabyayeyo umwana w'umukobwa bita Nyirabizogera, bari bazi ko yasenyeye Munyankindi Yozefu umugore we witwa Tereza baratanye. Bari bazi ko yacyuye umugore wa Secyugu, Gatarina, uwa Ndegeya n'abandi.

**O.NT.B.**: Ubanza ngo ari nawe wirukanishije Olivier, umuzungu wari umugabo wa NYIRABIHOGO i Butare.

**X.Y.**: Yeee! Yaracyuye Nyirabihogo.

**O.NT.B.**: Yigeze akubwira ko bari bafatanije na Kanyarengwe Coup d'Etat bashakaga gukora?

**X.Y.**: Ntabwo bigeze buzura na Kanyarengwe, kuberako Lizinde yahoraga amurega amubeshyera yikanga ko azamutanga ubutegetsi. Byatumaga abanyaruhengeri babyangira Lizinde.

**O.NT.B.**: Yakubwiye se ko Kanyarengwe yahungiye iki?

**X.Y.**: Yavuze ko Kanyarengwe abantu benshi bari bamwizeyeho kuzakora Kudeta, Lizinde yifuza kumutanga kuko yabonaga bene wabo aribo bari ku mbunda, musanzire we Nduhirabandi ngo yari muri Cie bita S.P., nuko ati imbunda ni izacu, Biseruka ni uwanjye, yajyiye atubwira nabandi basirikare b'abagoyi benshi kandi bari bafite imyanya myiza, na Jenerali akaba yarabizeraga. Byatumye bakora umugambi wo kuzica Jenerali. Birumvikana rero ko na Kanyarengwe nta mahoro yari kugira. Icyakora Kanyarengwe yari mu mubare w'abanyaruhengeri bashakaga gufata ubutegetsi bitwaje ngo Jenerali yahaye abatutsi intebe.

**O.NT.B.**: Noneho rero Kanyarengwe ntabwo yigeze afatanya na Lizinde?

**X.Y.**: Mbese Kanyarengwe afite ikipe ye ariyo bacyekagamo na ba Murego, ba Kagenza n'abandi ngo batafunzwe. Ntabwo Lizinde bamushyiramo.

**O.NT.B.**: Ntabwo rero baburaniye hamwe?

**X.Y.**: Abo baburaniye hamwe kuri dosiye ya za tracts.

**O.NT.B.**: Nuko rero ngo Maniraguha abura Kanyarengwe ngo hamaze gukorwa mandat d'arrêt.

**X.Y.**: Ubundi Kanyarengwe yagombaga gufatwa n'abasirikare kuko yari Ministre kandi akaba Colonel. Ubwo se yagombaga gufatwa na Parquet yo hanze ku buryo hagomba mandat d'arrêt Sibyo.

**O.NT.B.**: Maniraguha se yafunzwe n'iki?

**X.Y.**: Ntabwo nibuka neza ibyamufunze.

**O.NT.B.**: Lizinde ntiyaba yarakuganiriye neza uko yari yateguye Kudeta nuko yaje gufatwa?

**X.Y.**: Yashatse kubanza gusebya umukuru w'igihugu kugira ngo abaturage bamwange. Yari yarakwije impapuro hose rero zimusebya, hanyuma bategura umugambi wo kugira ngo bazamwicire ku KIBUYE we na Biseruka, hanyuma ku munota wa nyuma mwene wabo Nduhirabandi wagombaga guhita asohora imbunda na za chars agafata Kigali aranga. ngo bagombaga kumwicira mu Gisovu aho yari yagiye gushyira ibuye rya mbere aho bazashyira icyayi. Nduhirabandi yamaze kubyanga rero ku munota wa nyuma Lizinde atuma Ndegeya ku Kibuye kubuza Biseruka kurasa Habyarimana. Yagiye mu modoka ya kamyoneti. Biseruka we yarabishakaga cyane. Muri iyo kipi harimo na Bikorimana. Hari n'igihe Biseruka yashakaga kurasira Jenerali hakurya hariya i Kanombe. Undi munsi nabwo bari babiteguye na Bikorimana i Kibungo avuga ko azazana abasirikare hanyuma baje kubibwira Nduhirabandi basanga arimo arasangira na Mayuya bagenda batanamusezeyeho umujinya ubarya bavuga ngo kariya ni akabwa.

**O.NT.B.**: Tugarutse ku by'abanyagitarama, ninde wabakubise utunyundo?

**X.Y.**: Habayeho za tortures zakorwaga n'uwitwa Burasa na Major witwa Mutabazi David wapfuye. Lizinde avuga ko ntabo yigeze yiyicira n'intoki, ariko yemera ko yatangaga itegeko.

**O.NT.B.**: Ese wageze mu Ruhengeri usanga amazeyo igihe kingana iki?

**X.Y.**: Barahansanze muri 1980 mu kwezi kane, Lizinde niwe waje mbere, le 16/4/1980. Ubwo nza kubabera Kapita, namaranye nabo imyaka itanu.

**O.NT.B.**: Ese Lizinde ntiyakubwiye ibyo bandikaga ku madosiye yabo banyagitarama?

**X.Y.**: Yavuze ko hari ayo banditseho ko bishwe na Macinya, ibyo ngo bikandikwa na Docteur Cyprien Bizimana, bigezaho ntibagira ngo ibyo bandikaho.

**O.NT.B.**: Ayo madosiye abahe ubu?

**X.Y.**: Lizinde yatubwiye ko afitwe na Kavaruganda.

**O.NT.B.**: Nuko rero Sembagare aryoherwa no kwica, abivanamo ubutesi bwinshi, ngo yirirwaga ateta ku mirambo y'abantu?

**X.Y.**: Si ubutesi ni ubugome. Nk'igihe kimwe hari umunya Kibungo witwa Kanyanzira wari ufunganwe na Mugenzi Yustini bava inda imwe, noneho Mugenzi yari arwaye Hemorroides abwira Sembagare ati ngwino urebe narwaye naremhye, undi ati nyereka aramwereka. Sembagare avuza induru araseka ahamagara Kanyangoga, ati mwene wanyu Mugenzi yazanye inyama ndabaha umutsima munini murye, ati abanyagisaka mugira amayeri menshi. Urumva rero ko ari ubugome yagiriraga ku muntu urwaye. Ubundi na none umuntu arapfa mu kasho, Kanyangoga ajya kubwira Diregiteri ati umuntu twabanaga yapfuye none twagirango mu mujyane kumuhamba Sembagare aramwihorera. Akajya ahora abimubwira kuva kuwa kabiri kugeza ku wagatandatu, maze kuwagatandatu kuko tutaryaga twongeraga kurya ku wa mbere, Sembagare abaza Kanyangoga ati induru umaze iminsi uvuza ni iyiki? Undi ati umuntu yarapfuye hariya munzu iwacu none yaratunukije twayobewe uko twabigenza kuko amaze icyumweru kirenga. Sembagare ati: Afite isahani ye? Undi ati: Iiii! Afite ikiyiko? Afite igikombe, afite uburingiti, undi ati arabifite. Hari inzu yawe aryamyemo? Undi ati oya. Hanyuma umukurikiranyeho iki? Ubugome bwanyu mwabuzanye na hano? Ari mu nzu ya leta, hari icyo agutwaye? Hari ration yawe ariye? Mwihorere ntacyo agutwaye, humura ntacyo azakwakuraho. Ubwo kandi ari umurambo waboreye munzu irimo abantu bazima. Urumva ko ntabugome burenze ubwo.

**O.NT.B.**: Ubwo aragumya akindagura abantu rero!

**X.Y.**: Arakomeza yica abantu urw'agashinyaguro. Yishe abantu benshi, abandi akabaha amazi avanze n'amabyi ngo banywe. Hari ikigunguru gisukwamo imyanda cyozwamo ibintu bita Rubojo bitumamo, noneho abantu bakagenda akababuza kuvoma amazi yo hejuru bakadaha amazi yo hasi bakanywa avanze n'amabyi rwose, ari abafungiwe ibya politiki, ari n'aba droit commun byose byari kimwe, Sembagare nta mutoni yagiraga. Umuntu yapfaga gufata neza ni Mugenzi Yustini kubera ba Shabani bo mu Ruhengeri, baramu be bashoboraga kubonana na Sembagare, ba Kanyandekwe Sayidi, ariko na none Libanje yahoraga amubuza kwica Mugenzi yanga ko abana be bazabura Se na Nyina. Libanje yari atarafungwa.

**O.NT.B.**: Lizinde hari ikizere cyo gutaha yari afite? Ntiyicuzaga se ibyo yakoze?

**X.Y.**: Yavugaga ko azataha mu ntambara yari yarahanuwe n'umugabo witwa Magayane, nicyo cyizere yafi afite, naho ubundi nawe ubwe yemeraga ko yari umugome.

**O.NT.B.**: Ngo Lizinde yaba yararyaga ruswa?

**X.Y.**: Ku byerekeye ruswa, hari nk'ibintu by'amahembe y'inzovu. umugore yavuye i Burundi afite amahembe y'inzovu, toni nyinshi, ageze hariya i Kanombe arabifatanwa, yari aziranye n'umuntu witwaga Kabandana Célestin wiciwe mu Ruhengeri ari nabyo agomba kuba yarazize. Kabandana yabwiye uwo mugore ati ngiye kuguteretera abantu, wenda bashobora kukwaka ruswa ya miliyoni eshatu bakakureka ukajyana ibintu byawe. Kabandana ati ibyo aribyo byose Ndegeya yuzura na Lizinde nimutereta arabimubwira, uriya mugore atange amafaranga bamureke yingendere. Ubwo Kabandana abigira atyo, Ndegeya

aragenda abikoza Lizinde, yumvise miliyoni eshatu ati OK.. Baragenda umugore abaha amafaranga, Lizinde ategeka ko bapakira akigendera. Nyuma rero Kabandana yaje kubwira Ndegeya ati dore aferi nijye wayiterese none nimumpemo uduhumbi nibura nka magana abiri nanjye njye kurya umugati. Ndegeya ubwo aranyaruka no kwa Lizinde ati umuntu witwa Kabandana yagukwije umujyi wose agenda avuga ko wariye miliyoni eshatu za ruswa. Lizinde ati d'ailleurs iyo mbwa ni n'igisambo, ni umututsi ntituzi ibye, ubwo atuma Cyarahani ati genda ushake umuntu witwa Kabandana umwohereze muri spéciale mu Ruhengeri. Avuze ko atamuzi ati genda Ndegeya aramukwereka. Ubwo Cyarahani yagiye gushaka Ndegeya aho yacururizaga, bagenda bahiga Kabandana ati: ko unyerekanye ugasubirayo wiruka, undi aramwihorera. Cyarahani yahise amwinjiza mu modoka, amujyana muri Prison yo mu Ruhengeri kugeza igihe nawe agiriyeyo muri mutation amusangayo aramwica, amwicishije inzara. Mbere yuko apfa rero Kabandana yahamagaye abantu ibyo bintu byose arabisobanura, avuga ko hari n'imbunda n'amasasu bye yari yarahaye Ndegeya bihiga, nqo yari yarakuye i Rutongo ku muzungu w'inshuti ye. Ubwo rero yagiraga ati abantu banyicishije ni Ndegeya na Lizinde na bandi.

**O.NT.B.**: Kabandana uwo yari muntu ki?

**X.Y.**: Kabandana yavaga inda imwe n'umuntu witwa Kanobana Pierre utuye hariya munsi ya Manumetal. Ni abantu b'abatutsi bo ku Gikongoro.

**O.NT.B.**: Batubwiye ko hari abangaga kwicwa n'inzara Sembagare akabakubitagura imigeri!

**X.Y.**: Hari nk'uwitwa Dabid Nsanzishuri, yamaze iminsi myinshi atarya, no gupfa ntiyapfa, noneho Sembagare akajya aza kureba buri munsi ko yapfuye yasanga atapfuye akamukubita imigeri mu mbavu buri gihe afatanije n'umunyururu witwaga Ntamuhanga. Yaravugaga ngo iki kintu ko kidapfa. Yakomeje atyo kugeza umunsi apfiriye. Sembagare yari umugome urengeje abandi bantu bose. Nawe yari umugoyi nka Lizinde, kimwe nabo bantu bose bicaga abantu muri gereza, nka Ntibandera Joachim wari directeur wa gereza ya Gisenyi n'abandi.

**O.NT.B.**: Na Nduhirabandi na Muvunanyambo?

**X.Y.**: Cyarahani yari uwo mu Kingogo, Muvunanyambo ari umunyakibuye, naho Nduhirabandi nawe yari Umugoyi.

**O.NT.B.**: Lizinde yaje kumenya ate ko yavumbuwe agiye gufatwa?

**X.Y.**: Ni umupfumu we witwa Minani wo ku Kibuye i Rwamatamu, akaba ngo yari yaramuhawe na munywanyi we Mpanumusingo Désiré w'umunya Cyangugu. Uwo mupfumu rero Minani yaburiye Lizinde ko agiye kuzanyagwa umwanya yari ariho, akazajya mu bindi biro bindi, amubwira yuko azanafungwa. Ati ikimenyetso kizabikwereka, uzaba ugiye mu rugendo, uzahura n'ihene y'umukara irenga umuhanda, nugera imbere uhure n'inzoka nayo irenga umuhanda. Nubona ibyo bimenyetso byombi kandi ukabibonera rimwe bikurikirana uzamenya ko ibyawe byarangiye. Lizinde agiye ku kibuga cy'indege ajya muri Misiyo ari kumwe n'umushoferi we Karuranga agiye kugera hafi ya bya byapa bishushanyijeho indege ahura n'ihene y'umukara. Yigiye imbere muri metero nkeya ahura n'inzoka ndende cyane irenga umuhanda, barahagarara irabanza irawambuka. Lizinde ageze ku kibuga ubwoba buramurya, avuga ko arwaye misiyo arayireka ajya iwe gutekereza kuri ibyo bintu. Mu kwezi gukurikiyeho nibwo yafunzwe, ubwo ubuhanuzi bwa Minani buba buruzuye.

Byakiriwe *na O.NT.B.*

# Ngo muri MDR birabomborekana !

Ni akumiro. Ngo byatangiye kubomborana mw'ishyaka rivuguruwe ejo bundi. Birashoboka kuko abantu tutabona ibintu byose kimwe. Ariko se kandi? Twibukiranye. Hari ubwo umuntu asoma nko ku gatama akamiramiza cyangwa se agahura n'ingorane bakamwasa imfunda mu gihanga. Ahita aserera akabona byose: ibiti, amazu n'imisozi biceza. Twirinde kuba abemera-kanzinyango twibwire ko, koko ishyaka rya Rubanda ryivuguruye ejo bundi rihise ribomborekana bitunguranye kuriya. MDR si MRNDD. Niyo ijya itungurwa ntikoremo. Kuri MDR ntibikabe.

Ese ubundi ni ibiki bibomborekanamo? Ninde se ubivuyanze? Icyo kibazo gikwiye gusubizwa n'uwo duheruka kurishinga: Bwana TWAGIRAMUNGU Faustin, ntawundi. Zitukwamo nkuru niwe uzasobanura ako kajagari. Ku byerekeye NSENGIYAREMYE, byo ni ukwanduranya avec maladresse. Kuba NSENGIYAREMYE ahihibikana ngo asinyire vuba amahoro yiyemeje mbere yo kurangiza "mandat" muri guverinoma si ikinegu: Icyo umugabo aharitse araharika agaharura. Ibindi bavuga yari gukora biruta kurangiza intambara n'ibihe akaba atsinzwe?

Ahubwo icyazana ngo azayasinye ISIBO n° 90 itarasohoka! Ese ubundi ko arimo abihirimbanamo muri Leta, bibomboranya MDR bite? Ayagezeho nabyo byaba ari ishema ry'ishyaka ryamutumye. Inzitizi yagize rirazizi. Higira umuveba nkaho ariwe HABYARIMANA wakoroze ibyo Arusha zose zagezeho cyangwa Inkotanyi zananiwe kwiha akabanga zigakurura imirwano mishya.

Abanyamakuru bacu namwe mugeraho mukadusetsa. "Le Flambeau" ati abatutsi b'i Goma bantumye ko muri Primature bashaka Ntuza na Sentuza. "Rwanda Rushya" yo sinakubwira. None ngo Nyiramacibiri yaciye inka amabere kuko yabengutse naka wo muri MDR!! Ese mwagiye mwerura muti: "Turamamaza, turaranga" bikagira inzira. Ko tuzi ko ubwo bucakura muhorana butaba ari ku busa?! Mwese mwibutse ko abarwanashyaka aritwe twagombye kwirambagiriza, mwajya muhosha kubomborekanya amakaramu ku busa.

Icyanciye intege cyane muri iyo nyandiko ni uko ikibomborekanya MDR cyane ari icyifuzo "Ubuyobozi" nako "Umuyobozi" wa MDR arwanya cya "Résistance civile". Mperutse kumva ko revolisiyo ya 1959 irusha umwaka, bamwe mu bandika Isibo. Ntibibababaze mbibukije uko nayibonye ubwo nendaga guca ubwenge. Insoresore z'abarunari zagerageje kudukorera umurwanashyaka, Nyakubahwa Nyakwigendera Domoniko MBONYUMUTWA mu bwanwa. Byakurikiraga agasuzuguro kabereye kwa Secyugu i Nyanza, kwa Mukwiye ku Gikongoro, kwa Kavumbutse i Kinkanga n'ahandi n'ahandi.



*Muri aba bagabo uzongera kubeshyera MDR PARMEHUTU mu ruhame ngo yakoze nabi nka MRND, Kongere idasanzwe izamufatire ibyemezo.*

Abanyarwanda bahagurukiye rimwe hirya no hino, haruguru no hepfo baca agasuzuguro. Tubigenderaho

iminsi 10.980 (366x30 10.980). None hamaze imyaka ibiri Rubanda yicwa i Butaro kugeza i Kigombe ukazenguruka urukiga rwose, Twicecekeye.

None ngo ibyo nibyo bibereye ba Perezida b'amashyaka harimo n'uw'iryacu? Aho bagiye gutereka amaso i Bujumbura bahazamukanye amahoro angana iki? Ndemera impungenge buri wese yaterwa no kunyanyagiza imbunda uko abonye mu batazi icyo zimara n'igihe zikora. Ariko ndashimira bariya bababajwe na Rubanda yicwa nk'ibimonyo. Ubwo sinumva bariya ba Perezida bacu icyo bashaka kuvuga.

Ndizera ko bashobora kubona ingamba zihamye zo guhumuriza Rubanda atari ukubakangisha ibipfukamiro bahoza imbere y'Inkotanyi zisa naho zibibona bure. KAGAME ati nimutantora nzabinnyamo nkomeze mbarase. Nibatamukurira se inzira ku murima ko tutari ibihuru arasaho uko abonye azabireka? Abarwanashyaka si ubusoro bubuguzwa.

Ndangirije ku mpanuro. MDR uko nayibonye ntiyanduranya. Izira agasuzuguro no kuyiyobora buka. Ibi bico bitangiye kuremwaremwa nibyo bizabomborekana biyisige. Nikomeze yemane abayisarika. Intwari irangwa n'ibisare.

BAZIBONERA

## Umuti warabonetse:

### Kwitsembatsemba hagati ya MRND-CDR na MDR nibyo bizarangiza iyi ntambara.

Ukurikiye ibyabereye mu turere tw'imirwano ya FPR, aho inkotanyi ziza zikagarika intumbi za MRND-CDR, nayo ikihorera ku bayoboke ba MDR, usanga FPR ibigenzemo buhoro yazatsinda itaburanye nka wa mututsi wa kera.

None se dufashe imibare itangazwa mu Ruhengeri gusa, uko inkotanyi ziteye ntiziburakwisasira intumbi za ba CDR nibura 500. Inkotanyi zakunamura icumu, CDR igatunga agatoki, inzirabwoba zigatsembatsemba abiswe ibyitso, intumbi ku yindi. Ubwo ga abakiga 1000 bakaba baragaramye mu cyumweru.

FPR rero yihaye programu yo gutera kabiri mu cyumweru gusa, kubara intumbi za MRND-CDR na MDR biroroshye 2000x52 104.000 bihwanye n'ingabo z'u Rwanda ukubye gatatu. Uwo bita Major kagame ati harya ubundi iyi ntambara yarangira itamaze imyaka 10 yaba ari ntambara ki? Reka ejo bundi inkotanyi zikore ku mu CDR w'i Gitarama, Habyarimana n'interahamwe ze bamauke. Bazunamura icumu birengeje ibihumbi n'ibihumbi by'i Gitarama. Bitahe i Butare, Gikongoro, Cyangugu, Kigali, Kibungo, abana b'inkotanyi baziyinjirire mu gihugu nta nukomeretse muri bose. Ikizabarushya gusa ni ukuzajya kuroha intumbi za nyuma z'interahamwe mu Kanyaru kuko birumvikana ko izo nterahamwe zimanuka zitazazamuka nkuko n'impumyi ibibona.

Ariko se ubundi MRND na MDR bahagarariye abanyarwanda 90% batitsembatsembye muri bwa bwenge bwayo, ni inde ubundi wabatsimbura muri iki gihugu?

Umusomyi w'UMURANGI

# BARIYANGA N' IMPUNZI.

Biravugwa ko Perefe wa Ruhengeri Bwana BARIYANGA, yitwaje ko mu Ruhengeri uduhanda twaho tudashobotse kugira ngo imodoka nini zitunyuremo zigemuriye abanywe mu byabo n'intambara, we yahisemo kwaka amafaranga Minisiteri ibishinzwe ngo ajye agemura kandi agure ibiryo hafi. Miliyoni eshanu yazikubise inshuro agenda yandika amatoni n'amatoni ataguze, ikamyoneti ye yahaye icyo kiraka ikandikirwa amaturu itigeze ikora. Harahagazwe. Ino si inda ya ba RUSARURIRAMUNDURU. Ba bourgmestre bariho barababaza bati bite byanyu ko mwakoze amarorerwa bati niko Perefe yadutegetse. Ubwo kandi no mu zindi nkambi z'impunzi niko bicika ku buryo abaturage bariho bashaka kubohoza abaselire ba MRND babamariye ibiryo babyirira ngo n'ukwihemba. Genda MRND ugira nabi.

*UMURANGI*

## Mu ISIBO barasarana UMU[RA]NGI.

Guhera mu matora ya MDR [...] ushize, ISIBO yaranzwe no gusopanya [...] MBANYI. N'ubu ntikura mu ruge. Abe[...] ribuka za Tragiti made in ISIBO zan[...] abarwanashyaka b'imena ngo ni Abase[...] bariye za ruswa n'ibindi ari ukugira[...] bitaga ko atinyitse atorerwe kuyobora [...] rya rubanda. Niba rero Isibo nayo ibo[...] yibeshye kuko uwo yaturatiraga kuge[...] ntacyo agaragaza yakoreye ishyaka usibye [...] gushaka kurivanamo ku ngufu abanze [...] garagaro kubogamira ku NKOTANYI [...] datatira rubanda rugufi MDR PERME[...] biyemeje kuvugurura yakoreraga, niba ari [...] z'ukuntu uwo mugabo yayihinduye um[...] yari ifite igatangira kuturatira INKOTA[...] ngo nta butegetsi zishaka none ikaba y[...] hinduye ngo zirabushaka nkaho mbere [...] impumyi cyangwa hakaba hari igihembo [...] biboneye usibye gutukirwa ahareba i [...] MBURA, niba se ari ukubera umuyobozi [...] twagumye kwereka ko asopanya ishyaka [...] tse hambere inama idasanzwe ya Konge[...] GIKONGORO ikaba yari igiye gutera [...] imufatire ibyemezo kubera agasuzuguro [...] ku bayobozi b'ishyaka abahimba amazina [...] tutsi nyuma igaca inkoni izamba, ntidus[...] kiwe. Ibyo aribyo byose turabona ISIBO i[...] isarana UMURANGI. Nawe se ngo TWASH[...] ZE ifoto ya NSENGIYAREMYE ku Kinya[...] kuru cyacu. Nitwe bambere?? Aho tutay[...] raho se ni he ? Twe tubona akora akazi [...] bwo muriho mumurundaho ibyaha byose [...] korwa n'abashaka ngo kumusimburira A[...] SHA nkaho bayobewe ko MDR yamwohe[...] muri uriya mwanya ariyo izawumuvana[...] Abiyitaga ba Rukokoma INKOTANYI [...] bwiye ko ntayo zishaka bararuca bararu[...] none ngo ni NSENGIYAREMYE.

Nkuko rero mubivuga mu ISIBO No 89, UMU[...] RANGI No 16 wanditse ko hazaba KONGE[...] idasanzwe kandi rwose irihafi. Izabanza i[...] icyo TWAGIRAMUNGU yamariye ishyaka, [...] kibona ntacyo izamutwara. Igihe kirageze cy[...] gutora KANDIDA Perezida wa REPUBULIKA, sinumva impamvu NSENGIYAREMYE atari[...] yabibona cyereka niba yumva adacyeneye [...] tegeka iki gihugu. Nawe ariko hari icyo impi[...] mbanyi zimusaba, nko kutagumya kuzin[...] ibyo abandi barega uwahoze yitwa RUKOKO-MA cyera tukibeshya ko INKOTANYI ziyishy[...] gikiye kandi abona umurongo w'ISHYAKA y[...] rawutaye iruhande nkuko tubisoma mu MASI-BO no mu MATUMWA ye, amurwanya kumugaragaro, kuko bishobora gutuma IMPIRIMBANYI nyamwinshi zimuvana ho amaboko. Yeg[...] gucisha make ntuhubuke cyangwa ukaban[...] ukagerageza kunga nibyo, ariko kubembere[...] umuntu ukurwanya ku mugaragaro ntaho bitaniye no guheka impyisi yanyagiwe.

UMURANGI.

Major NYAMUHIMBA yari akwiye gushyi[...] mu gaciro agasubiza NTEZIRYAYO Willy ka[...] gasore katagira amaboko kicururiza udusah[...] n'utundi tuntu muri gare ibintu byako kuko turumva kubitwara bitamuhesha icyubahiro. Ese muragirango azajye gusabiriza nicyo mumuhitiyemo ! Kutabimusubiza turumva abantu babifata nk'ubugome.

# Sibwo bikomye n'abafaransa.

Mu mateka y'u Rwanda, bamwe mu bategetsi b'abatutsi bakunze kurangwa n'ingeso mbi zigera kuri enye: Ubwirasi, ubugome, akarimi karekare no gushotora n'uwo baziko abarusha intege. Ibyo tuvuze si itotezabwoko ni ibyagiye bibaho ku butegetsi bw'abami b'abatutsi kandi ntibigire icyo byigisha abuzukuru babo.
Ingero sizo zibuze:
a) Amakosa yakozwe mu gitero cy'i Shangi umwami n'ibyegera bohereza rubanda kwisuka mu masasu. Ni urugero rwo kwirata no gushotora uwo mutanganya ubushobozi. Ubwo icyo gihe ngo bimiraga abazungu ngo hatagira ubakandagirira mu gihugu.
b) Umwanduranyo Lunari yagiranye n'Ababiligi kandi izi neza ko igice kinini cy'abaturage cyishakiraga demukarasi kidashyigikiye uwo mwanduranyo. Narwo ni urugero rwo kwiyamakaza. Ntibayiretse se ikavugaguzwa yagera muri l'ONU bakayigarika, isi yose ikanga gihake, igatanga demukarasi.
c) Muri 1959, LUNARI iyo yadutse mu Mpirimbanyi za demukarasi itangira kwica urubozo. Ubwo bugome, yabonaga ko aho bwahereye imyaka amagana abantu batabuzinutswe? Niyo yatumye Rubanda yivumbagatanya abantu barapfa, abandi barangara bitari ngombwa. Iyo batica ba MUKWIYE, ba Secyugu n'abandi, ntibaba baragiye mu matora nta ntambara?
d) Ayo makosa yose ubu bamwe ntibayazirikana ngo mubyo bakora bagende buhoro cyangwa bafate ururimi rwabo. Bakora nkaho atabaye cyangwa ataturutse ku babyeyi babo. Muri ino minsi, cyane cyane hano i KIGALI, abatutsi bamwe urufuro rurenda kubarenga ngo barirukana abafaransa mu mugi no mu gihugu. Hirya no hino imbaga y'ingeri zose ibona abo bafara nsa ntacyo bishe, ariko bo ku by'ubwirasi, ntibavana mu ruge. Ngo bahanganye n'abafaransa. Ese barabaziza iki ko dukeka ko batabatunze. Si ngaho bigiye kuba nk'ibya kera? Loni imaze gufata icyemezo n° 812 ko FPR igomba kurekeraho kugumya guhonyanga abantu. Aho ntibazakomeza guta ururimi nk'urwatakajwe na ba LUNARI. Nyamara aba bene wacu ntiturumva hari umuzungu uwo ariwe wese yaba Umufaransa cyangwa undi wigeze abirukana iwabo i Burayi aho bafite indiri itoroshye.

Tugarutse ku by'i Shangi, ubwo umwami yarohaga ingabo ze ngo arapinganwa n'umuzungu hatabaye uwitwa Bisangwa bya Rugombituri n'ingabo, n'abahennyi. Abahennyi barabanje bahenera abazungu ngo ngaha barabatera umwaku. Bahise baraswa urusoro mu bibuno umwe umwe. Ingabo nazo bazimashe zitanatamitse imyambi. Bariya bahennyi basa n'abanyamakuru bavugira Inkotanyi ngo biyemeje gukanda MITTERAND bashora impuha. Nyamara iyo ugereranije ibyo ibinyamakuru by'i Burayi nka le Monde na l'Express byatahuye ku Nkotanyi, wasanga bariya banyamakuru bahenera ubusa. Bazaba nk'abahennyi b'i Shangi bahasize indahiro, ngo "Urahene ahandi i Shangi barasamo." Nabo nibahene ukundi, burya si buno. Umufaransa azi ibyo akora. Si nguwo abagejeje muri LONI? Muri 59 bati Babiligi nimutumuke mutuvire mu gihugu, bibakoraho, na none muri za 90 bati Bafaransa nimutuvire aha? Ba Rwigerezaho baragwira.

Impuha ziraryoha:

KAYIBANDA yigeze kwibutsa abanyarwanda ko muri bo harimo abantu batabaho nta Intrigues na Felonie. Ni ukuvuga kubaho nta bucakura cyangwa ubugambanyi. Muri Kigali rero impuha wagirango nizo zitunze insoresore zimwe. Ese badukangisha ngo Inkotanyi zaratsinze, bazi ko twese twibagiwe amateka y'isi? Muri 1942, HITIRERI wa mugome uzwi cyane mu mateka y'isi yigaruriye u Bufaransa hafi ya bwose. Bamwe mu Bafaransa se ntibamuyobotse? Yibagiwe ariko ko na nyina wundi abyara umuhungu. De GAULE yemeye ko Ubufaransa butsinzwe urugamba ariko ko atari intambara butsinzwe. Uko byagenze nyuma abazi amateka barabizi. None se koko, usibye akarimi gasukuma, bariya basore ndetse n'abasaza bamwe batagira isoni bakumvise ko umuhungu . de Gaule atazabura mu Rwanda. Le 6 Juin 1945, Hitireri ntiyiboneye? Amateka ni amwe. Nimukomeze mute igihe. Inzira yo kurangiza ino ntambara benshi babona ari imishyikirano, naho inkotanyi zibwira ko iyi ntambara igomba kuba byanze biku .nze nk'iya Obote, Tito Okelo na Museveni zikabireka. Kagame ati ntihazagire uwibwira ko ahenda undi ubweng, kandi bati mu mishyikirano ya ARUSHA bazabare ingabo baringanize. Ngo amashyaka yose azashirira muri FPR da! Aha ho ariko iyo avuga ko abakuru b'amashyaka badashaka kubwiza rubanda ukuri bazashirira muri FPR ho sinari kumuburanya. Twanze ingoma y'igitugu cy'abashiru, bikaba ariyo mpamvu tutazemera icy'inkotanyi, abantu bakacyirwanya, kandi bagasobanukirwa na "Résistance civile" icyo aricyo, ko atari ugufata ibibunda ngo barunde mu baturage, batazi no kubikoresha nkaho nta basore bakwiga ibya gisirikare, ko ahubwo ari ukwihagararaho aho umuntu ari hose akanga kumvira umutegetsi adashaka. Abanyarwanda rero nitwumvikane kandi tureke ibihuha no kwiyemera, dutegereze imishyikirano kandi tuyishyigikire, naho ubundi abibwira ko bazahenda abandi ubwenge baribeshya.

*UMURANGI*

---

# Abanyamadini bo mu Rwanda bahereye gasopo FPR i Bujumbura.

Nyuma yaho abanyamadini bo mu RWANDA bahuriye n'abanyamashyaka ku ya 2 Werurwe bagasanga abaturage batagomba kwemera ko INKOTANYI zifata ubutegetsi ku ngufu, baranahagurutse bajya i BUJUMBURA ku ya 3 Werurwe kubonana n'INKOTANYI kugirango bazigezeho impungenge batewe nuko zarenze ku masezerano yo guhagarika imirwano zikayubura, no kugirango bamenye koko niba zishaka gufata ubutegetsi, maze bazimenyeshe ko abanyarwanda batakwemera gusimbuza ubutegetsi bw'igituku ubundi.

INTUMWA Z'IMPANDE ZOMBI ZARI ZIFASHE GUTE ?

Abakuru b'amadini mu RWANDA, Gatolika, Abaporotestanti n'abadventisti b'umunsi wa KARINDWI bari bagizwe n'aba bakurikira: MGR Tadeyo NSENGIYAREMYE, Musenyeri wa KABGAYI, akaba umukuru w'inama nkuru y'abasenyeri Gatolika mu Rwanda. Niwe uyobora akanama k'abanyamadini gashinzwe imishyikirano, kandi ni nawe wari uyoboye izo ntumwa.
Révérend Pasteur TWAGIRAYESU Michel, umukuru w'idini «Presbytérienne» mu Rwanda, Perezida w'Inama nkuru y'Abaporotestanti mu Rwanda, akaba na visi-perezida wa ka kanama k'abanyamadini gashinzwe imishyikirano. (Comite de Contacts). Mgr Aaron RUHUMURIZA, Musenyeri wa Eglise Méthodiste Libre au Rwanda, akaba na Visi-Perezida w'Inama nkuru y'Abaporotestanti mu Rwanda. Mgr Alexis BIRINGABAGABO, Evêque Assistant du Diocèse EER de KIGEME. Mgr Tadeyo NTIHINYURWA, Evêque de Cyangugu et Vice-Président de la Conférence Episcopale du Rwanda.
Mgr Augustin MISAGO, Evêque de GIKONGORO.

Ku ruhande rw'Inkotanyi hari Colonel KANYERENGWE, Umukuru w'INKOTANYI akaba ari nawe wari uyoboye izo ntumwa, Patrick MAZIMPAKA, Pasteur BIZIMUNGU, TITO RUTAREMARA, Thomas NDAHIRO, Dr RICHARD MATSIKO, na Alufonsi NYARUHIRIRA ngo ushinzwe imirimo ya FPR mu BURUNDI (Hato ngo Umurundi uzavugira ibya Politiki mu RWANDA we azabambwe.
Iyo nama yamaze amasaha umunani yose idahagarara yabereye mu nzu y'intumwa ya Papa i BUJUMBURA.

ABAKURU B'AMADINI BACU NTIBABEMBEREJE INKOTANYI.

Bamaze gusobanurira Inkotanyi ibyo bakoze kugeza ubu ngo bahuze abanyarwanda, bakabigisha uburwo bitwara muri politiki bifuza cyane cyane ubumwe bwabo, bamenyesheje Inkotanyi ko mu RWANDA bakeneye amahoro, bababwira ko guca ku masezerano yo guhagarika imirwano bagatera kandi imishyikirano ya ARUSHA yari igikomeza byababaje bitavugwa. Bamenyesheje FPR ko Abanyarwanda bibaza icyo ishaka kugeraho mu byukuri, niba ishyikirana bitari ibya NYIRARURESHWA. Abagize bati : Abanyarwanda baribaza niba FPR idashaka gufata ubutegetsi ku ngufu, byaba ataribyo igasabwa gutanga «GARANTIE». Bamaze kuyumvisha ko yareka ingufu n'intambara kugirango ibibazo byo mu RWANDA bikemurwe, bayumvishije rwose ko amadini yo mu RWANDA atemera ibyo kwica ngo urihimura, gukiza amahano ukoresheje andi. Bati kwica ni icyaha gikomeye, cyane cyane iyo wica inzirakarengane. FPR bayumvishije rwose ko ubugome buhamagara ubundi, bityo inzangano zikarushaho kwiyongera. Bati KILIZIYA zo mu RWANDA zanze rwose abafite inyota

y'ubutegetsi batareba inyungu za rubanda, ntibatinye kumena amaraso. Basabye FPR kwibaza kuri Miliyoni z'Abanyarwanda bavannye mu byabo. Bamaze nanone gusaba FPR gusubira mu mishyikirano ihagaritse imirwano, bababwiye ko ingabo z'u Rwanda zizaba zirimo n'iz'inkotanyi zigomba kuzakorera rubanda aho kuzakurura uduce tugizwe n'amoko, uturere, cyangwa amashyaka. Banamaganye ubugome aho bwaturuka aho ariho hose. Impunzi zizatahuka zigomba gusanga intambara z'amoko zaracitse ari nabyo bizatuma inzira ya demukarasi ikomera. Ibikorwa by'uburwanyi INKOTANYI zikomeje gukora ntibituma abapadiri babasha gukora akazi kabo ko gutegura imitima izakira impunzi, kimwe nako kunga abanyarwanda. Babwiye n'ingufu nyinshi FPR ko ubutegetsi bufatishijwe ingufu ntaho buhuriye na demukarasi, basaba INKOTANYI kureka imirwano kuko isenyagura ibintu. Bati FPR yerekanye ko idashaka gufata ubutegetsi ku ngufu yarushaho gukundwa n'abanyarwanda. Ngo nimenye ko mu Rwanda hari ibyahindutse mu rwego rwa demukarasi, maze ireke kubizambya isimbuza ubutegetsi bw'igitugu, ubundi nabwo bw'igitugu. Abanyamadini yo mu RWANDA basabye ko niba hari ibyo INKOTANYI zasabye LETA y'u Rwanda ntibyubahirize babibabwiza ukuri bakababera umuhuza nayo. Banababwiye ko bifuza ko inzibacyuho yaba ngufi kugirango u RWANDA rwoye kuguma mu kajagari.

INKOTANYI NAZO NTIZIJYA ZIBURA IBISOBANURO.

Ngo nubwo nta byera ngo de, FPR yashimiye abanyamadini uko bagerageje kwitwara mu guhugura abaturage banabwiza ukuri abategetsi ibitagenda muri ibi bihe turimo. Barasaba abanyamadini ko barushaho kwamagana ihonyorwa ry'uburenganzira bw'ikiremwa-muntu. Bashimiye nanone abanyamadini kuko bagerageje guhuza amashyaka yo mu RWANDA yitwara ku buryo bubangamiye amahoro muri iki gihe.

FPR yaberegeye amashyaka afite imitwe yitwara gisirikare, yibutsa itsembatsemba riherutse kuba mu turere tumwe na tumwe tw'igihugu. Kuri bene ibyo, abanyamadini batangajwe n'ukuntu FPR iba ibizi neza kugeza kuri buri kantu kose, kandi banabifitiye gihamya, nk'impapuro n'ibindi.

FPR yabwiye abanyamadini ko impamvu yatumye yongera gufata intwaro, ari uko Leta y'u RWANDA yishe amasezerano yo guhagarika imirwano yo ku wa 12 nyakanga 1992 haba ku rugamba, no mu gihugu imbere. Ukwicwa kw'inzirakarengane kwakurikiye amadisikuru n'imyigaragambyo yo mu kwambere 1993 ngo niyo yatumye FPR igaba igitero cyo guhana. FPR kandi yunzemo ko ibigambo bitameshe byo kwamagana amasezerano ya ARUSHA bya HABYARIMANA n'ishyaka rye MRND nabyo biri mu byatumye itera, ngo kuko itakwihanganira ko MRND yashaka kugumya kwiharira imicungire ya Politiki y'igihugu yonyine. Abavannye mu byabo n'intambara nabo ngo bagizwe imfungwa z'igitugu cya HABYARIMANA, kandi bagahindurwa ibikingirizo ku masasu y'INKOTANYI.

Ngo ntibashaka k'u Rwanda rujya mu bukoloni bw'abafaransa, bityo bagasaba ko ingabo zabo ziri mu RWANDA zihambirizwa ikitaraganya. Ngo ni izo kurinda ubutegetsi bw'igitugu bwa HABYARIMANA. Kubyo kwica abasiviri byo FPR ibivuga nka byabindi bya Birenge ni wowe ubwirwa, ngo kuba amasasu agera no kunzira karengane ho birababaje, ngo ariko abapfa kenshi biterwa n'ubuhwinini bwabo. Ku byerekeye gushikirana ho, FPR yababwiye ko izongera ariko itsembatsemba rishingiye ku moko, uturere n'amashyaka rihagaze, kandi abategetsi babigizemo uruhare bagahagarikwa, amasezerano yo guhagarika imirwano yo muri nyakanga 92 agakurikizwa mu Rwanda hose. Abafaransa badatashye ho ngo ntirizarema, kandi kubwa FPR ngo yemeye byinshi (concessions) mu byo yasabwe mukuzana amahoro no kugabana ubutegetsi bityo kugumya kuyigondoza ikaba itabyemera kuko ibibonamo kwiyahura. FPR iti twongera kurwana ntitwashakaga gufata ubutegetsi ku ngufu cyangwa ngo dufate kapitali, kuko u Rwanda atari kapitali gusa. (Barabe bumva ba mutima muke mu mutima) FPR irongera iti ntiturwanya demukarasi nkuko HABYARIMANA abitubeshyera, kandi niba abasirikare bacu barahoze muri NRA, UBUGANDE ntibugifasha FPR, twirwanaho tukabonera intwaro mu gace k'u RWANDA twafashe. Ku kibazo cy'abanyamadini cy'icyo FPR yaba ibifuzaho, yababwiye ko bahugura abaturage mu byerekeye uburenganzira bwa muntu, ukwishyira ukizana kwe no kumenya icyo igihugu gisaba umuturage wiyubaha. Gutinyuka kwamagana akarengane, kwigisha rubanda demukarasi icyo aricyo, kimwe na politiki n'imibereho myiza y'abaturage. Kwihanangiriza Leta ngo ireke ibyo kwigisha abaturage kwirwanaho (Défense civile). Gusaba Leta kuvugurura ubutegetsi bw'igihugu. FPR irasaba ko abanyamadini bakohereza abigisha aho ingabo zabo ziri, ngo maze nazo zigishwe. Perezida wa FPR yasabye Abasenyeri ba RUHENGERI na BYUMBA kunyaruka bagasura ibyo bihugu bye. FPR yifuje ko imibonano nk'iyo yazajya iba kenshi, naho abanyamadini bacu bakomeza gutangazwa n'ukuntu abahagarariye FPR baba bafite amakuru yose kubibera mu gihugu, ndetse ukabasangana n'impapuro zikabije kwitwa izo mw'ibanga.

Abanyamadini bacu rero nibakomereze hariya, kuko ahari bo kubera kutagira izindi nyungu ku giti cyabo bikurikiraniye bashobora kujya babwiza INKOTANYI ukuri nazo kandi ibyo zifuje ntibabyite bibi nka babandi ngo ngaha ni uko bivuye mu NKOTANYI. Ntibazabe kandi nka babandi bemerako igihe igitekerezo ari cyiza tugomba kucyacyira ntitugihore ko kivuye mu NKOTANYI, nyamara ikindi kiza nk'icyo kunga abategereje kumishwa ho urusasu rw'INKOTANYI ngo kubera ubuhwinini bwabo cyaza AMASIBO agasibana abyamagana ngo ngaha mubabitekereje harimo MRND na CDR.

UMURANGI.

## BIBABERE ISOMO!

Dutegura iyi nomero nibwo inama z'amakomini adafite ba BOURGMESTRE zateranye ngo zishyikirize abakandida inama ya Guverinoma. Uko amashyaka yagiye aba ayambere byari bikwiye kugira abo bibera isomo. RUHENGERI, GISENYI na BYUMBA bakoze ku buryo ntarindi shyaka rihasunutsa utuzuru usibye MRND kuko abiswe ibyitso inzira babanyuza murayizi. Ubwo rero MRND ntiyakwirata ngo yaratsinze kuko amahindura y'ukuri burya ni rukokoma isumba byose. Amakomini 31 niyo ari mu tundi duce tw'igihugu. MDR niyo ya mbere. GITARAMA 8/8, Butare ifite 0/7, CYANGUGU ifite 3/5 i KIBUNGO ifite 0/2 i GIKONGORO ifite 2/3, KIGALI ngari ifite 1/4, naho KIBUYE ifite 1/2. MDR rero niyo ya mbere ifite 15/31, MRND ni iya Kabiri ifite 9/31, PSD ni iya gatatu ifite 5/31, naho iya kane ni PL ifite 2/31. Ikigaragara ni uko GITARAMA na BUTARE byipakuruye rwose ingoma y'igitugu, ariko kuri MDR BUTARE, UWILINGIYIMANA akaba yari akwiye gusubiza amaso inyuma, akareba itorwa rye ngo ayobore BUTARE, agasuzuma n'imyifatire ye ku bandi barwanashyaka bakorana niba atariyo isebeje ishyaka muri BUTARE. Leta nayo niba idashaka amahane izahe Kigembe na Nyakizu MDR, PL na PSD bazigabanye izisigaye.

O.NT.B.

. Musenyeri Ndandari aba murihe shyaka ra? Umuntu wahanganye n'Interahamwe ebyiri butwi akazihigika! Ishaje ariyo Sebununguri n'iy'amarere Nshamihigo. Agomba kuba ari IMPIRIMBANYI.

Umunyamakuru wa PSD Murigande baramubwiye ngo yatutse Kayibanda ati jye mwene Emile ntuka uwo mwicanyi! Uriya muhungu avuga abiri nk'inyombya!

**Prix NYAMPINGA : uzuza aka gapapuro uzakazane muri Concert Izaba ibigenewe.**

Nom et Prénom ................................................
*Amazina*

Profession ................................................
*Umwuga*

Commune d'origine ...............
*Komini wavukiyemo*

Adresse complète ..................
*Aho uberizwa*

**Bulletin à remplir et à présenter lors du Concert prévu pour donner les prix NYAMPINGA**

